# *Irembo Rirafunganye*

Urakoze, mwene Data Neville. Murakoze. Ni byiza cyane kugaruka mu Nzu y'Uwiteka. Buri gihe nishimira kugaruka mu rusengero, aho nanjya hose. Hariho ikintu kijyanye n'aha hantu ha kera nkunda kugarukaho. Ni byiza, yewe, njye... Ryari itorero ryanjye rya mbere kandi ryonyine nigeze kuyobora. Kandi birasa nkaho ari byiza kongera kugaruka hano. Kandi nizera ko muri cya gitondo gikomeye iyo izuba ryanze kumurika inyenyeri zikazimya umucyo wazo, Nizera ko hari bamwe bo muri iyi ngando bazaba bahari kuri uwo munsi, abogejwe mu maraso y'umwana w'Intama. Ntegereje icyo gihe.

2 Mu kanya ubwo nazaga mu cyumba, nahuye na Mushiki wacu Arganbright aturuka hariya inyuma. Kandi yambwiraga ko hano hari abantu bari bari mu materaniro yo muri Kingston, bari badusuye icyo gihe, nuko nda...i...nuko nishimira cyane kubakira hano nk'abahamya. Aho bari hose, bazamura ibiganza byabo, bari bari mu materaniro ya Kingston muri Jamayike. Aka kanya, yego, bicaye hariya inyuma. Ni byo, ni byiza.

3 Ndabona ikarita y'iposita ya Oral. Ndakeka ko mumaze gutangaza amateraniro ye. Ntabwo nari nyazi kugeza, ku amatariki, kugeza ejo hashize. Ntekereza ko bitangira kw'itariki ya gatandatu, si byo? Kuva kw'itariki ya gatandatu kugeza kuya cumi na gatanu, Mwene Data Roberts i Louisville. Noneho, mugende mumwumve. Mwene Data Roberts ni i—i inshuti yanjye y'amagara, n'umukozi wa Kristo nyawe. Kandi nzi neza ko muzanezezwa n'ubutumwa bwe, ijoro ku rindi. Kandi i...ibye, nk'uko asengera abarwayi, nzi—Nzi neza ko uzabona Imana ikora, kuberako ari umurwanyi ukomeye wizera, mwene Data Roberts ni, ni umuntu Imana ikoresha mu mbaraga. Umurimo we warazamutse kuva...

4 Ndibuka igihe nahuraga bwa mbere na mwene Data Roberts, yari mu ihema rishaje rito aho muri St. Louis, muri Missouri, kandi nari...oya, Umujyi wa Kansas, Missouri. Kandi nari mu mujyi wa Kansas, Kansas, mu nzu y'inama. Yicaye ku ntebe y'imbere. Nyuma y'amateraniro, twarazengurutse tujya inyuma turaganira. Bamubwiye uwo ndi we. Ni muto kuri njye; Oral hari mu myaka ye igera muri za mirongo ine. Maze aravuga ati: "Uratekereza ko Imana yakumva isengesho ryanjye ku barwayi?"

Naravuze nti: "Mwene Data, Azumva isengesho ry'umuntu wese uzasenga." Ni byo, yarabitangiye, maze aravuga ati: "Hano ndagiye!"

5 Kandi ni umuntu uzi ubwenge cyane, kandi yize uburezi, imyaka ine y'ubumenyi nyamuntu, kandi nzi neza ko ari

u—ni umuntu w'umuhanga cyane. Kandi ubu ahagaze mu mwanya aho afite abakozi b'abajyanama bamukikije, n'ibintu, kugeza, iyo avuga, a—agaragaza ibyo avuga. Kandi mu by'ukuri muzamwishimira, ndabizi neza.

6 Noneho rero ndashaka gutanga raporo muri make ku by'Umwami wacu yakoze mu materaniro yacu yoroheje yo muri Jamayike no muri Porto Rico. Byari ibintu bidasanzwe naciyemo, kuko abantu benshi barahamagaye. Nk'uko Leo hano abizi, ko telefone. . .Kandi mu gihe cy'icyumweru, hari ahantu hagera kw'ijana baduhamagaye basaba amateraniro. Ariko nyamara nkunda kumva ko nyobowe aho ngomba kujya, ndabikunda ku bw'ibyo. Niba ngiye kubera ko umuntu yantumye ngo nze, ubwo nza mw'izina ry'iryo torero cyangwa iryo ishyirahamwe. Ndamutse ngiye kubera ko mwene Data Neville yavuze ko ngomba kugenda, ngomba kugenda mw'izina rya mwene Data Neville. Ariko nkunda kugenda iyo Yesu yanyohereje, ni bwo ushobora kugenda mw'Izina ry'Umwami Yesu, guhura n'abantu.

7 Ubwo nari nirambitse ku buriri, kandi nari naniwe buhoro. Iki kibaya, bitinde bitebuke, ngomba kuva muri iki kibaya, kuko bituma umuhogo wanjye usarara ahantu nka hariya ubu sinshobora kwihanganira kuhatinda. Nshobora kugenda nkongera nkagaruka. . .Ubushize twaraje, njye na Leo, mu bilometero mirongo ine, tumaze gusaya mu byondo muri Florida, umuhogo wose wumagaye, kandi mu bilometero mirongo ine uva Louisville byongeye guhagarara. Mwene Data Banks Wood agomba kuba ari hano muri iki gitondo. Ejobundi twinjiye duturuka muri Kingston na—na Porto Rico, aho umuhogo wanjye wari umaze kumererwa neza; maze mva mu ndege, nkimeze neza; nuko mbere y'uko tugera muri Jeffersonville, wongeye gufunga. Reba, ni ikibaya hano. Ni imyanda yo mu kirere, cyangwa se ni Imana, imwe, igerageza kunyigizayo. Noneho—Ntabwo ndabyumva. Narasenze mbisaba inshuro nyinshi.

8 Ariko, nyamara, ako kanya nari mbyutse, hari nka saa tatu za mugitondo. Umugore wanjye n'umuhungu muto bari basinziriye. Nahagurukiye ku ruhande rw'igitanda, nuko mbona umubare munini w'abantu bari bateraniye ahantu hagari, nuko mbwira Billy Paul nti: "Injiramo hariya hanyuma uhe abo bantu amakarita yo gusengerwa."

9 Nuko aravuga ati: "Ni byo, papa." Mu minota mike aragaruka, aravuga ati: "Ntushobora gutanga amakarita yo gusengerwa muri abo bantu." Yaravuze ati: "Urabona uyu mugabo uhagaze hano?"

Ndavuga nti: "Yego."

10 Yaravuze ati: "Yari ari hano, ndavuga nti: 'Umuntu wese ushaka ikarita yo gusengerwa, zamura ikiganza cyawe.'" Nuko

aravuga ati: "Nagiye kumuha ikarita yo gusengerwa, arimuka ajya ahandi. Hanyuma, ngiyeyo, arongera arimuka ajya ahandi. None nguyu aragarutse hano." Ati: "Ntabwo nshobora gutanga ikarita n'imwe yo gusengerwa."

11 Naravuze nti: "Ni byiza, Billy, ntuzakenera gutanga amakarita yo gusengerwa, kuko hano hari umwanya munini kugeza aho buri wese ashoboye. . . " Ikarita y'amasengesho ni ukurinda umuvundo. . . urabona, zigumane kuri gahunda. Naravuze nti: "Yoo, nshobora kujyanayo abantu bose hariya, ntarengeje umubare ukwiriye mu mwanya nahawe, hanyuma nkabashyira ku murongo maze nkabasengera umwe umwe."

12 Nuko aravuga ati: "Ni byo." Nuko ahindukirira iburyo arigendera. Narahindukiye muri *iyi* nzira ubwo we yaganaga muri *iriya* nzira, nari ndimo kumwitegereza.

13 Nuko numva Ijwi rimanuka riva mw'Ijuru, maze riravuga nti: "Ariko muri iki gihe ndatangira kugukuza." Naritegereje, kandi sinigeze mbona imbaga y'abantu bangana batyo, bariyongereye baturutse imihanda yose.

14 Kandi izina rya mwene Data Roberts ni ko bamuhamagara, ati: "Dore noneho Mwene Data Oral Roberts aje kubareba."

Nanjye nti: "Ni gute nza gusuhuza mwene Data Roberts?"

Mbivugira muri njye nti: "Ni muri ubwo uburyo yakuramukijemo."

15 Ni byiza, Nabonye umuvandimwe Roberts aje yambaye ikositimu y'umukara, n'ingofero ntoya nk'umwambaro wa Bing Crosby, bahindura gato hanyuma bagakura hasi, ingofero y'umukara. Nanjye nari mpagaze hariya hejuru, nuko arareba, maze aravuga ati: "Mwaramutse, Mwene Data Branham."

Nanjye ndamusubiza nti: "Mwaramutse, Mwene Data Roberts," ampereza ukuboko kwe.

Nuko aravuga ati: "Wabonye imbaga y'abantu nziza."

16 Ndavuga nti: "Imbaga nyamwinshi, mwene Data Roberts." Nuko arahindukira, maze aragenda nkuko Billy yabigenje, yerekeza iburyo.

17 Naratekereje: "Ni hehe tuzavuganira na bo?" Hanyuma nagerageje ahantu hose kugirango mbone ahantu twavuganira. Nari mu bihe nk'ibyo, ikintu kimwe hasi, ku buryo ntashoboye kubona aho ku—kuvuganira nabo.

Umuntu umwe aravuga ati: "Rero, ngwino hano."

18 Naravuze nti: "Ni byiza, ntushobora kubona aharuta hano." Maze Natangiye kwambukiranya aho hantu. Kandi ibi narongeyeye ndabyibuka muri ako kanya, Naravuze nti: "Ikintu cy'ingenzi cyo gukora kuri njye ni ugukomeza kwicisha bugufi mu mutima wanye, buri gihe, imbere y'Imana n'abana Bayo."

19 Nuko mva mw'iyerekwa. Ndatekereza nti: "Ese ibyo bivuze iki? Wenda ahari byo bivuze ko tugiye kuzagira ibintu nk'ibyo . . . Cyangwa se bi—bizabera he?" Murabona, rimwe na rimwe, mw'iyerekwa, Ntakubwira aho ari ho, We—We aravuga gusa na we uka . . . Ni nko kuvugira, mu mugani. Kandi nzi neza ko abasoma Bibiliya babyumva.

20 Hanyuma, ninjiye mu cyumba cy'imbere ndamanuka nicara akanya gato, kandi hari nka saa cyenda n'igice za mugitondo cyangwa saa kumi za mugitondo. Nari nsinziriye rwose. Nasubiye kuryama ndirambika, ndota inzozi, kandi zari inzozi zidasanzwe. Kandi benshi muri mwe muzi umwe mubayobozi, Jack Moore. Mwene Data Jack Moore, Namumenye hashize imyaka myinshi. Natekereje ko nasohokanye n'umukobwa we, umukobwa ufite imyaka igera kuri cumi n'irindwi, mufata ukuboko, mujyana k'umusozi, umwana muto Jackie. Ni byiza, namumenye kuva akiri umwana wonka. Nuko nanjye mujyana ku musozi, maze nyura mu mijyi itatu hejuru y'umusozi, nyoboye uyu mwana w'umukobwa. Maze tugera munsi y'igiti kinini, yicara hasi. Kandi nka benshi mubakobwa bato b'abangavu muri iki gihe bambara amajipo, murabizi yagutse gato, kandi yari afite bumwe muri ubwo bwoko bw'amajipo. Yafashe iyo jipo ntoya sa nuyirambura maze aricara. Kandi nk'uko abakiri bato bakunze kurebana, yarambuye amaboko nka *gutya* maze atangira kureba hejuru mu bicu. Ni byiza, Jackie n'umukobwa muto muto cyane, ariko afite umunwa munini mwiza n'amaso meza manini, n'imisatsi ibyunyaritse, si ibyo gukurura cyane, ariko nyakuri ni umwana mwiza w'umukobwa. Kandi nabonaga amaso ye meza manini arimo yitegereza ikirere, n'uburyo isura y'ikirere yari imeze mumaso ye.

21 Ni byiza, naragiye ndamuhunga nko kuri metero eshanu, maze nirambika hasi nka gutya, maze mbona icyatsi ngishyira mu kanwa, nuko ntangira kugihekenya. Nuko ntangira gutekereza nti: "Ese ndimo gukora iki hano? Kubera iki, njyewe umusaza, ndi kumwe n'uyu mukobwa muto. Kubera iki," Naravuze nti: "Narashatse kandi mfite abana benshi. Ntacyo ndimo gukora hano hamwe n'uyu mukobwa ukiri muto."

22 Natangiye guhaguruka. Nuko, igihe nari mpagurutse, Ijwi ryaturutse mu giti, maze riravuga riti: "Iki ni kubimenyetso kandi ku bw'impamvu."

23 Narabyutse, maze ndataka cyane, i—inzozi. Naratekereje nti: "Yoo, ndibaza niba bivuze ko ngiye gusubira inyuma cyangwa niba hari ikintu runaka kimbayeho?" Ni byo, naratekereje nti: "Niba ngiye kugerageza gukoresha ubwenge byanjye, noneho nzabona byose byivanze, rero nzategereza Imana." Ubwo natangiye gusenga. Naravuze nti: "Mwami, mbese izo nzozi zirebana n'iryo yerekwa joro rigitangira, cyangwa bishatse kuvuga iki?"

24 Nyuma yo gutegereza igihe, nko mu gihe cy'isaha imwe (Umugore wanjye yari ari hejuru aho ategura ifunguro rya mu gitondo.) ubwo Ijwi ryongeye kugaruka, riravuga riti: "Komeza i Kingston, uzahabwiririwa icyo ugomba gukora."

25 Rero, nahise njya i Kingston. Kandi ba—kuva kuwa Kane nyuma ya saa sita bari bazi ko nagomba kuba mpari kuwa Gatanu. Iryo ni ryo tangazo ryonyine twari dufite. Ntabwo menyereye cyane gukora . . . ? . . . cyangwa kugereranya imbaga y'abantu, kuko ubusanzwe ndakabya. Ariko ijoro rya mbere, navuga ko twagize nk'abantu cumi na babiri, yewe, abantu bagera ku gihumbi na magana abiri, hanze, kuko byari byamenyekanishijwe mu munsi umwe gusa. Bukeye abihuta batangira kwiruka ibirometero bine, bari hamwe, bazamuka imisozi. Uwiruka umwe yashoboraga kwiruka amasaha ane, hanyuma akareka abandi nabo bakiruka bakazamuka umusozi. Ijoro rya kabiri hari hari abagera ku bihumbi bitanu. Nuko ijoro rya gatatu mu kigereranyo bari hafi ibihumbi cumi na bitanu, wenda makumyabiri. Hari abantu ibihumbi inshuro ibihumbi baje ku Mwami.

26 Kandi iyerekwa ryari, itorero rito, umukobwa yari isugi, akiri umwana, kandi ibyo byasobanuraga ubusugi bw'itorero. Kandi imijyi itatu ikingirije umusozi, yari iminsi itatu nagombaga kubwirizamo. Kandi ngafatisha itorero rito ry'isugi n'ibibwirizwa byanjye, kuva aho ryari riri, hejuru mu bintu by'Imana, kugeza binyeganyeje ikirwa cyose.

27 Kandi, yewe, abakozi n'abantu hirya no hino, barira, batakamba kandi bemeza, "Ijoro rimwe cyangwa abiri gusa," abayobozi b'umugi.

28 Twavuyeyo tujya muri Porto Rico. Aho twakiranywe ubwuzu, itsinzi ikomeye, kandi ibihumbi inshuro ibihumbi buzuye hose mu inzira, kugeza ubwo tugereranyije hari ubugingo bw'agaciro bugera ku bihumbi mirongo ine biyeguriye Umwami Yesu. Mu gihe, ndizera na . . . Ibi nabibwira itorero ryanjye bwite, ariko sinshobora kubivuga mu ruhame, hirya no hino hatari abantu bo mu rugo, kuko bishobora kwakirwa nabi. Ariko mfite izina ry'umucamanza hano ku rupapuro, ni nde watanze ikiganiro mu gihe twavaga, hano, we n'abakozi be.

29 Nanjye . . . Ya—yaravuzeat: "Twatewe ishema muri iki kirwa kugira ababwiriza batandukanye." Yaravuze ati: "Igihe Bwana. Billy Graham yavaga ku kirwa vuba aha," ati: "twagize a—amateraniro meza," yaravuze ati: "ariko Billy Graham yatuzaniye gusa Ivanjili imwe n'iyo twumvaga buri gihe." Aravuga ati: "Hanyuma twatewe ishema no kubona Bwana. Roberts kuri icyo kirwa," yaravuze ati: "na Bwana. Roberts yaduhaye amateraniro akomeye y'iminsi itatu. Ariko," ati: "amafaranga yari menshi muri hoteri," ati :"hasigaye kwishyura ibihumbi mirongo itatu na bitanu by'amadorari by'amajoro

atatu, ku mafaranga ya hoteri." Yaravuze ati: "Noneho Bwana. Osborn yari ari hano, wari umugaragu ukomeye wa Kristo. Ariko," ati: "igihe Bwana. Osborn yagendaga, habayeho gucika intege," ati: "byasaga nk'aho ibintu byose byashize."

30 "Ariko," ati: "twabonye muri iyi nama ko mu by'ukuri nta muntu n'umwe wari uri ku murongo kugirango mwene Data Branham amusengere. Ariko," ati: "amateraniro arangiye, twashoboraga gufata amakamyo y'imizigo yuzuye intebe zishaje na clubs n'ibintu byose, biturutse mu bitabiriye." Yaravuze ati: "Ntabwo yari umuntu icyo gihe, Imana yaratugendereye," ni ko yavuze.

31 Naravuze nti: "Ntutegereze amasengesho yanjye; ahubwo amasengesho yanyu aturutse muri mwebwe, mufatanye mu biganza." Kandi bari kuzana wenda abantu icumi na babiri cyangwa se babiri ku rubuga, kandi, iyo uburondozi bumanuka, abantu bashoboraga kuvuza induru. Twagumye muri hoteri yo mu cyiciro cya kane, kandi twishyuye ibyo twakoresheje byose, twebwe ubwacu.

32 Mwatanze ubufasha kugirango ibyo bikorwe, mwebwe ubwanyu, hamwe n'icya cumi mwanyoherereje. Nicyo cyakozwe. Kandi ndashaka ko mumenya ko, muri ibyo byose, mubifitemo uruhare. Kandi ku munsi ukomeye ugiye kuza, Imana izabiguhembera. Reba, ntabwo wari ufite . . .

33 Niba umuntu ubwe yagiye gukora ikintu runaka, noneho, urabona, iyo uwo muntu agiye batekereza bati: "Ugucika intege gukabije, Imana yadutereranye." Imana ntigutererana. Iri kumwe nawe buri gihe. Murareba, ibyo . . . Murashimishije nk'umuntu wese, nk'umuntu uwo ari we wese. Imana ishobora gukoresha umuntu ku murimo runaka, ariko ntibisobanuye ko uwo muntu afite amahitamo ku Mana. Ni ukwizera Imana kwawe.

34 Kandi bari kujyayo bakagenda mu mamashini mato ashaje, nk'uko bagenda ku bicugutu by'abana, nuko—nuko bagateranya imbaho, hanyuma bakicazaho abantu maze bikababaporomokana. Amateraniro arangiye, inzira zose zanyurwagamo zashoboraga gusibama, bari kujyana gusa n'amagare atwara ibintu hanyuma bagasunika amagare mato ashaje n'intebe nini zishaje, n'amakote n'ibitanda, hari aho bagenda bamwe abandi bakabasiga, kuko Ukugaragagara k'Umwami kwari guhari. Ibyo ni byo dushaka kubona. Umuntu hanze y'ishusho ye hanyuma, Imana igakora.

35 Tugarutse, gusa kugirango mbafashe nonaha muri iki gitondo, ngiye kuvuga mu minota mike. Kandi nasabye abahungu kutafata amajwi kuri kaseti. Hashize iminsi itatu ngerageza cyane gutekereza nti: "Ese nzavuga iki?" Kandi muri iki gitondo, mbere yuko ngenda, numvise umuburo ukomeye mu

mutima wanjye ku itorero. Nuko ndababwira nti: “Fata kaseti, ariko ntukayigurishe.”

36 Ariko mbere yo gukora ibi, ndashaka kubaha ubuhamya buke, kugirango bubagirire umumaro. Bwaranyubatse. Twagiye mu rugendo rwo kuroba iminsi itatu, Leo na Gene nanjye ubwanjye, n’umuhungu wanjye Billy Paul n’umugore we, tumanuka kumugenzi uza hano ku ihema, kuva muri Jeworujiya. Nuko batujyana mu gishanga ahantu runaka, ubu sinamenya uko hari hameze, hafi ya Okeechobee cyangwa ikindi kintu nk’icyo, sinzi izina abahinde ba Seminole bahahaye. Ariko, twaje gusubira inyuma ibirometero byinshi.

37 Kandi uyu Mwene Data Evans, murumuna we ni umunyabyaha. Kandi ni umurobyi ukomeye, hashize amezi make asubiye mu bishanga. Kandi bafite icyo bita: “ihema ryo kubutaka.” Nuko iryo hema ryo kubutaka riramuruma, ku buryo bubabaje. Amaguru ye arabyimba, bamujyana kwa muganga bamutera inshinge. Ibyo bintu birica. Kandi zifite iminwa myinshi iriho ipamba nanone, ipamba, rya moccasin, alligator ingona y’ingome ifite kugeza kuri metero makumyabiri z’uburebure.

38 Mugihe twarimo turoba aho, nari nafatishije ifi nini. Yoo, wari umunsi w’ukuri wa—wayo wo kwidagadura. Kandi yari nini cyane kuburyo ntanshoboraga kuyivana mu mazi, nuko ahita yegereza indobo atereramo, cyangwa arakurura yitereramo. Kandi twari dufite ifi nyinshi, hafi ibiro ijana na mirongo itanu by’ifi nini. Kandi zo, zimwe muri zo zipima ibiro byinshi, nko kuva kuri bine kugeza kuri birindwi, umunani. Nuko nafashe iyi nini, irihambura.

39 Nanjye nasubiye inyuma, nanjye na—Nafashe indi, y’ ibiro hafi bitandatu, birindwi. Kandi nari mfite inkingi ndende wagombaga gufata hejuru k’umutambiko. Kandi Mwene Data Evans yari afite. . .Twese twari twatose tuva mu mazi, kuko aho hantu ni ibishanga gusa. Amaze gukuramo inkweto, azunguza amaguru y’ipantaro ye, maze ahagarara ahantu humutse, nko kugira ngo imyenda ye yume. Nuko abona ayo mafi manini azenguruka mu gihuru, maze ndagenda ndamwegera. Yaravuze ati: “Umunota umwe gusa, Mwene Data Branham, ndayigufatira.” Nuko ayirukaho aho hose. Kandi naje kuyizamuramo, tekereza ko ifi yari imaze gufatwa irapfa, ishyirwa mu ikarito. Nuko ahita yiruka ajya kumutwara. Kandi, amaze kubikora, vuza akaruru, maze aragaruka. Ihema ryo kubutaka riramukomeretsa.

40 Twarayitegereje, nuko nawe mbona munsi y’ikirenge cye aho rya hema ryo ku butaka ryamukomerekeje, kandi ryaramubabaje cyane kugeza amarira amubunze mu maso. Yavuze ko, yumva amagufwa ye yamugaye gusa. Kandi hariya twari, turi mu birometero byinshi uvuye mu gishanga. Ni umuntu munini

ugomba gupakira. Kandi iyo inzoka ikurumye, urarwara cyane mu minota mike kugeza igihe upfuye. Kandi Leo yari ahagaze. Nuko ikintu kinza mu bwenge bwanjye kiti: "Uracyari Imana!" Igihe yari agifashe ikirenge cye akibyiringira, kandi muri ibyo byobo bibiri binini byasamye hari harimo urusaku rwamurenze, Narambuye ibiganza aho hantu maze ndavuga nti: "Mwami, byanditswe mw'Ijambo Ryawe, 'Bazakandagira imitwe y'inzoka na sikorupiyo, kandi ntacyo zizabatwara.'" Muri ako kanya, ububabare bwose bwavuye mu kirenge cye. Yambaye inkweto nuko araroba umunsi wose.

41 Yagiye Muri iryo joro maze ababwira uko byagenze, baramusubiza bati: "Byaba byiza ugiye kwa muganga."

42 Yaravuze ati: "Niba Imana yarandinze kugeza ubu, Izanyitaho mu rugendo rusigaye." Twarobye iminsi itatu, nta ngaruka mbi namba.

43 Imana iracyari Imana. Yubahiriza amasezerano yose. Kandi mu murimo wanjye wose, ni ubwa mbere mbona Imana ije mu kurumwa inzoka, kuko bwari ubwa mbere ngira amahirwe yo gusengera umuntu warumwe n'inzoka. Gusa nagirango mbamenyeshe ko Yubahiriza amasezerano Ye yose, kandi Amagambo Ye ni meza kandi ni ukuri. Amina.

44 Mwibuke umurimo w'iri joro ndetse no kuwa Gatatu utaha. Kandi ubu musengere umuntu ukeneye rwose gusengerwa, uwo ni njye. Kandi, mwibuke, muzitabire amateraniro ya mwene Data Roberts igiye azabera mu mujyi, kandi muzamuhe intashyo z'itorero.

45 Mbere yo gusoma Ibyanditswe, Nda—Ndashaka ko duhaguruka umunota umwe gusa. Kandi, nta gucuranga, mureke turirimbe ikorasi imwe cyangwa ebyiri zo ndirimbo za cyera z'itorero, *Ukwizera Kwanjye Kureba Hejuru Kuri We*. Ni byo, noneho abantu bose mwifatanye nanjye, maze mureke tuyiririmbe. Kandi nimutekereze ku buryo muririmba, gusa muyiririmbe ku bw'icyubahiro cy'Imana. Ese urayiduterera, mwene Data Neville?

> Ukwizera kwanjye kureba hejuru kuri We,
> Wowe Ntama wa Caluvari,
> Mana Mukiza;
> Noneho nyumva mu gihe ndimo gusenga,
> Kuraho ibyaha byanjye byose,
> Yoo reka reka guhera uyu munsi
> Mbe uwawe rwose!
>
> Mu gihe ubuzima bw'umwijima bumpangayikishije bunkurikiranye,
> Kandi agahinda kangose,

Mbera Umuyobozi;
Reka umwijima uhinduke umucyo,
Intimba n'ubwoba, bimbe kure,
Kandi ntundeke na rimwe nzerera
Kure yawe.

46 Twunamishije imitwe, ndashaka gusoma mu byanditswe byera bya Bibiliya, Mutagat. Matayo, igice cya 7, umurongo wa 13 na 14. Kandi Umwami atwongerere imigisha Ye ikungahaye mu gihe tubisoma.

*Munyure mu irembo rifunganye: kuko irembo ari rigari, n'inzira ijyana abantu* kurimbuka, *ari nini, kandi abayinyuramo ni benshi*

*Ariko irembo rifunganye, n'inzira ijya mu bugingo iraruhije, kandi abayinyuramo ni bake.*

47 Reka dusenge. O Mana, Wazuye Umwami Yesu umukura rupfu no mu mva, nuko ukamutwereka muri iki gitondo nk'igitambo kizima, tukweguriye ubuzima bwacu bundi bushya twiyoroheje, twibwira yuko Uri umwizerwa wacu. Mu gihe twari tukiri abanyabyaha, bapfiriye ye mu byaha n'insubira cyaha, Wohereje Umwana wawe w'ikinege, wakozwe mu mubiri w'icyaha, kugira ngo ahindurwe impongano y'ibyaha byacu, kugirango Inzirakarengane, zibabazwa n'icyaha, zishobore kongera kuduhuriza hamwe mu busabane nawe.

48 Kandi, oh Mana, niba hari icyaha hagati yacu muri iki gitondo, ikintu gishobora kubuza Umwuka Wera kutuzanira Ubutumwa bw'Imana kuri buri mu tima wacu, turasenga ngo, twicishije bugufi, Mwami, Utubabarire amakosa yacu. Utwogeshe amaraso y'Umwami Yesu. Ni inde . . . Turabizi, muri twe ubwacu, ntacyo turi cyo, kandi twatuye ko ntacyo turi cyo. Ariko Wowe urera, Uri umunyakuri, Uri umukiranutsi, Uri Isoko y'imbabazi. Kandi twicishije bugufi dupfukama hariya uyu munsi, nk'ubugingo bwihana. Nk'ubuhamya bumaze gusohora, kuva muri Jamayike no muri Porto Rico, n'aho Wakoreye imirimo ikomeye nk'iyo, Oh Mana, ni ikimenyetso cyo kuza k'Umunyakuri.

49 Uburyo warokoye mwene Data Evans mu bumara bw'inzoka, kuberako yari umwizera, kandi Amagambo Yawe ahora ari ukuri. Noneho, Mwami, udukize mu bumara bw'urupfu muri iki gitondo, aho umwanzi yaturumye akaturoga. Reka amavuta yawe akiza, muri iki gitondo, Mwami, yuzure imitima yacu kandi aduhanagureho gukiranirwa kose. Kiza uburwayi bw'imibiri ifatika yasenywe n'imbaraga z'umwanzi. Ibintu byose biri mu Ukugaragara kw'Imana, mbese bishobora gukira.

50 Vugana natwe ubinyujije mu Ijambo Ryawe ryanditse, Mwami. Kutamenya icyo uvuga, ariko Uzabiduha. Kandi utuburire, Mwami, kandi udutegure kuza kwawe. Kubera ko tubisabye mw'Izina rya Yesu kandi ku bushake Bwe. Amina.

51 Buri gihe ntinda gato, kuko nategereje nonaha. Kandi ishuri ryo ku cyumweru, ndakeka ko ryamaze gusohoka. Ariko hari ikintu kivuga ku byerekeye ibyo, iyo ngeze mu rugo numva gusa ko nabonye umwanya uhagije. Murabizi, turihuta cyane, uko byagenda kose. Noneho, tugiye kwizera Imana gusa.

52 Umwami wacu yatangaga iyi miburo ikaze kubantu bo mu gisekuru Cye, abantu bari abanyamadini cyane. Na We ati: "Irembo rirafunganye, kandi inzira ifunganye, iganisha mu bugingo, kandi ni bake bazayinyuramo." Noneho, ntabwo byatewe nuko batari abanyamadini. Bari abanyamadini cyane. Kandi kubera ko bari bizeye itorero no mu myemerere y'imihango imwe n'imwe y'idini, kandi bakaba bari bizeye (ku rugero runaka) Imana, batekerezaga ko byose ari byiza. Ariko yababwiraga ko bake bake gusa ari bo bazinjira yo.

53 Kandi ndimo nibaza muri iki gitondo niba ntashobora kugereranya kiriya gisekuru hamwe n'iki turimo. Murareba, hari mu gihe cyo gusoza cy'Abayahudi, kandi Yashakaga kuvuga ahereye ku bihe bitandukanye no ku iherezo ry'ibihe bitandikanye byabayeho, kandi yababwiraga ko ikintu cyose cyari cyarakozwe mbere mu bihe byo hambere cyakorerwaga imbere yabo. Kandi bananiwe kubimenya. Reka turebe bimwe mu bintu We yavugaga.

54 Urugero, ntibashoboraga kwizera ko Imana iri muri uriya Muntu. Ngiyo inzitizi ikomeye bagombaga guhura na yo, ukuntu yari Umuntu nyamara akigira Imana. Ntibashoboraga kubona uburyo Imana ishobora gutura mu mubiri w'umuntu. Kandi mu bisekuruza byose, mu bihe byose, Imana yamye iba mu muntu. Umuntu ni umukozi w'Imana. Mu gisekuru cyose, Imana ivugana n'abantu bayo ikoresheje akanwa k'umuntu. Buri gihe ihitamo umuntu cyangwa ikintu ishobora gukoresha.

55 Kandi yabavuzeho, ko bazaba igisitaza, kuri Aburahamu. Arababwira, arababwira ati: "Niba mwebwe ubwanyu mwiyita 'abana ba Aburahamu,' Aburahamu 'sogokuru' wanyu, yabonye umunsi Wanjye maze yishimira kuwubona. Aburahamu, umuhanuzi." Kandi ntagushidikanya ko Yesu yabavugagaho ko yaberetse ko yari We Mesiya, kuko ibimenyetso bya Mesiya byagendanaga na we. Kandi ni ko byari byaragenze mu bihe byose, ibyo, bimenyetso bya Mesiya. Ariko nyamara Yigize Imana, Mesiya ubwe, uwo basitayeho. Ntibashoboraga kubyumva.

56 Noneho, igihe Aburahamu (uwo bitaga sekuru) yahuraga n'Imana, na bwo Yari mu mubiri, kubera ko yariye inyama z'inyana, akarya umutsima w'ibigori (kandi akanywa amata) n'amavuta, imbere ya Aburahamu, nyamara We yari Imana. Aburahamu yaramumenye, Imana, aramuhamagara ati: "Elohim," ari we Yehova Ushobora byose. Umugabo wari wambaye imyenda, afite umukungugu ku mubiri we, maze

yicara munsi y'igiti, mu gicucu, arya inyama anywa n'amata. Noneho abo Bayahudi bakonje, bafite ubugome, no kwikunda, abanyedini b'abayuda ntibashoboraga kumwizera ko ari Umwana w'Imana, kandi bakita Aburahamu sekuru wabo. Kandi yabamenyeshaga ko We akora ibintu nk'ibyamuvuzweho, muri uwo mubiri we, ko Imana yakoreye mu yindi mibiri ubwo yahuraga na sogokuru, Aburahamu. Aburahamu yarabyizeye. Kandi bo ntibashoboraga kubyemera.

57 Urabona, igihe Aburahamu yari yicaye munsi y'ihema rye kuko yari yaragize amahitamo, kandi amahitamo burya azanwa imbere y'umuntu wese wavutse kuri iyi si. Igiti cyiza n'ikibi gishyirwa imbere ya buri muntu wese. Igihe Loti, mwishywa we n'abashumba babo batangira kujya impaka bapfa urwuri; Aburahamu, kubera ko yari umukiranutsi, arababwira ati: "Gusa reka ntihabe impaka muri twe. Hitamo gusa inzira yawe yo kunyuramo." icyo kintu kiza mu buzima bwa buri wese wizera. Kandi kiri imbere yawe muri iki gitondo, kandi kiri n'imbere yanjye.

58 Loti ntiyatekereje ko agiye gusubira inyuma, ahubwo yagiye kureba i Sodomu aho ibintu byari byoroshye. Kandi hariho inshuro nyinshi tureba inzira yoroshye. "Nzinjira muri iri torero runaka, kandi, urabona, nta muntu n'umwe uzagira icyo abirwanyaho, kuko ni itorero rinini mu mujyi." Inzira yoroshye! Inshuro nyinshi dukora ibyo, iyo, twibeshye!

59 Wibuke, niba ukurikira Kristo, uzangwa n'abantu, kuko abantu bose bubaha Imana muri Kristo Yesu bazatotezwa. Niba kandi uza kuri Kristo, ntuzajya mu itorero iryo ari ryo ryose cyangwa amadini ayo ari yo yose, cyangwa imyizerere iyo ari yo yose. Uzaza kubw'Amaraso, ni yo nzira yonyine imugeraho. Kandi ntushobora kuzana umuntu n'umwe, uzaza wenyine uhagarare kubyo wiyemereye no kwizera kwawe. Ntuzagendera kuri pasiteri, cyangwa ku kwizera kwa nyoko. Uzaza nk'umuntu ku giti cye mu gihe uje ku Mana! Kandi inshuro nyinshi duhitamo ayo mahitamo adasobanutse.

60 Byagenda bite niba Loti, yarabonaga byose byoroshye. . .? Yabonye ahari amafaranga menshi no gukundwa cyane n'abantu, kuko yabaga ari umuntu udasanzwe, n'umuntu usobanutse, yize, ubumenyinyamuntu buhagije, kandi yashoboraga gukora ibintu bimwe nyamara agakomeza idini rye. Yaratekereje ati: "Mfite kwizera Imana, kubw'ibyo nzamanuka muri Sodomu nanjye nza—nzakorera amafaranga y'inyongera, kandi nzaba umuntu ukomeye, ahari umubwirizabutumwa mwiza." Reba, ufite amahitamo ugomba gukora.

61 Kandi abalayiki bafite amahitamo yo gukora. "Nzamanuka kuri iri torero runaka hariya, ni, yooo, abantu bose mu mujyi batekereza ko ari byo bya mbere! Kubera iki, umuyobozi w'umujyi ari muri iri torero." Noneho, yashoboraga kuba mu

itorero ryari ryiza rwose, ariko na none ugomba gucira urubanza iryo torero n'abantu baryo ukurikije Ibyanditswe. Rimwe na rimwe baragenda kuko ni inzira ikunzwe, a—abantu bambara neza bajya ahantu runaka. Kandi hari aho dukora i—ikosa rikomeye. Noneho murebe ibi.

62 Kandi Aburahamu, ikintu yashoboraga gukora ni ugukora amahitamo ya kabiri. Kandi rimwe na rimwe guhitamo kwa kabiri ni byiza kuruta ukwa mbere, niba ari ko bimeze. Ni mwitegereze, nyuma y'igihe gito, Loti yabonye umujyi munini, ntiyabonye umugore we ahinduka inkingi y'umunyu, n'ubwo bimeze bityo, ntiyabonye umuriro utwika umujyi. Ariko Aburahamu yafashe inzira hamwe n'Uwiteka wasuzuguwe. Yagumye mu butayu.

63 Kandi, nanone, byari kugenda bite iyo Sara akiza kuvuga . . . Noneho ni mwibuke, Sara yari umugore mwiza cyane mu gihugu cyose. Nta mugore wari mwiza nka Sara. Umuntu wese, umubonye, yaramukundaga. Noneho, mbega ukuntu byari kuba byoroshye kuri Sara kugira amahitamo nk'ayo. Ariko yahisemo kugumana na Aburahamu.

64 Yemwe bagore, ntukemere ko satani aguhuma amaso, kuba icyamamare no kwifatanya *n'ibi* na *biriya*. Ugumane na Kristo! Kuberako, isaha iri hafi, ugusenyuka gukomeye kuri imbere, kubi kurusha Sodomu na Gomora, kuri iki gihugu. Sodomu na Gomora bizacyubaha.

65 Noneho, mu gihe Aburahamu yari yafashe inzira yahawe n'Imana, kandi yari afitiye umurava muke ku gihugu, ntabwo yateraga imbere na gato. Ariko nyamara yari azi ikintu kimwe, yakoreye Imana kandi yari yizeye Imana.

66 Umunsi umwe rero haza abagabo batatu, kandi bari bafite umukungugu kandi bambaye, nuko Aburahamu abagirira impuhwe, aravuga ati: "Ngwino wicare munsi y'igiti mu gihe gito." Kandi mu gihe yari ahagaze avugana nabo, yahise amenya ko atari abagabo basanzwe, ahereye ku biganiro byabo. Bari batandukanye n'abandi. Aburahamu aragenda yica inyana arayitunganya, ategeka Sara gukora imitsima no kwitegura kubagaburira.

67 Noneho ni mwibuke, babiri muri bo bari Abamarayika, Abamarayika mu mu biri w'umuntu, kandi umwe muri bo yari Imana ubwayo. Kandi Uwari Imana yahindukije umugongo ku ihema.

68 Sara agumye mu ihema. Nkunda kubona umugore aguma mu mwanya we gutya, atari ugusohoka no kubwira umugabo we icyo gukora, buri gihe iyo umuntu aje. Ariko yagumye mu ihema. Nta gushidikanya, birashoboka ko yari ari koza amasahani cyangwa ari gukora ikintu runaka.

69 Kandi Uyu wari Imana, Yakomeje guhanga amaso yitegereza i Sodomu, nuko ababwira icyo We agiye gukora. Abamarayika

babiri baramanuka bajya kwamamaza Ubutumwa bwiza. Ariko Umwe asigara inyuma, Uwo yari Imana, Na we ati: "Ntabwo nahisha Aburahamu amabanga nzi, kuko agiye kuba umuragwa w'isi."

70 Yoo, twabonye uburenganzira muri iki gitondo, torero, kugirango tumenye amabanga yo Kuza kw'Umwami. Kuri, "Hahirwa abanyamahoro, bazitwa abana b'Imana. Hahirwa abafite inzara n'inyota, kuko bazahazwa. Hahirwa abera mu mutima yabo, kuko bazabona Imana. Hahirwa abiyoroshya, kuko bazaragwa isi." Noneho, niba itorero ry'Imana nzima rigomba kuzungura isi, nta banga ryabitswe.

71 "Ibyo Data yambwiye byose, narabibabwiye," ni ko Yesu yavuze. Ntibashoboye kumwizera.

72 Mu gihe cya Aburahamu rero, nk'uko yabavuzeho, yavuze ko nk'uko Aburahamu yavuganaga na Malayika, nuko ahindukiza umugongo We ku ihema, maze abwira Aburahamu ko agiye kumusura afite umwana. Sara, mu ihema, araseka. Na we ati: "Kuki Sara yasetse?" Yerekanaga iki? "Kuki Sara yasetse?" Byari amasaha make mbere yo kurimbuka, igihe ibyo byabaga. Mbere gato yo kurimbuka, uwo muriro uturuka mu ijuru ugatwika umujyi, kandi icyo kimenyetso cyarabaye.

73 Kandi Yesu yaravuze ati: "Ukora amakosa," ku bahanga bakomeye mu by'iyobokamana, ku gihugu cy'amadini aho mu byukuri amamiriyoni yari abizera. Yavuze ko "Ukora amakosa, utazi Ibyanditswe cyangwa imbaraga z'Imana." Ku gisekuru nk'icyo, bari abagabo batojwe neza, bari intiti kandi bazamura itorero. Igihe umwana yavukaga, byari umutungo w'itorero. Wagombaga kuba uri Umwisiraheli. Iminsi umunani nyuma yo kuvuka kwawe, byari ugukebwa, kandi wari Umwisiraheli mu gutangira. Kandi ubutambyi bwaturutse ku Balewi, batojwe mu myaka amagana mu Byanditswe. Nyamara Yesu yaravuze ati: "Ukora amakosa, kutamenya Ibyanditswe!" Bari babizi mu gitabo cyabo bigiragamo, bari babizi uhereye kuri gatigisimu yabo, bari babizi na tewolojiya yabo. Ariko Yesu ati: "Ntabwo mubizi, Ibyanditswe, nta n'ubwo muzi Imbaraga z'Imana. Iyo muza kuba muzi Aburahamu, Nanjye mwari kumenya. Iyo muza kuba abana ba Aburahamu, mwari kumenya Nanjye, kuko Aburahamu yarishimye abonye umunsi wanjye, kuko yamenye umunsi wanjye. Ubwo narimpagaze imbere ye cya gihe, ndi mu mubiri w'inyama, maze akora ibi, yari azi ko ari Njye, maze arampamagara ati: 'Elohimu.' Ariko hano nkora ikintu nka cyo imbere yawe, ukanyita 'Beelzebub.'"

"Yooo," baravuga bati: "dufite Aburahamu nka sogokuru."

"Mwita Aburahamu 'sogokuru wanyu'?"

74 Yaravuze ati: "Kuki, twe, turi mu itorero. Turi ishyanga ryayobotse Imana. Turi abantu bakomeye. Turi ubwoko bw'Imana!"

Yesu yaravuze ati: "Muri aba so, satani."

75 Mbese Nagereranya kiriya gisekuru n'iki, muri iyi minsi, iyo hari abantu babarirwa muri za miriyoni bavuga ko ari Abakristu, kandi nta kindi uzi ku Mana ni nk'uko umu Hottentot yaba azi ku ijoro ryo muri Egiputa. Hano muri iki gihe hariho abagabo n'abagore, mu by'ukuri amamiriyoni yiyita abakristu bavuga Kristo, bakaba batazi ihame rya mbere ry'imbaraga z'umuzuko We, kandi ntibigeze basogongera ku byiza bye. Ntabwo bigeze bumva imbaraga Ze. Amaso yabo yahumishijwe k'Ukuri.

76 Ati: "Muri impumyi, abayobozi b'impumyi. Ntabwo... i...niba impumyi iyobora impumyi, bombi ntibazagwa mu mwobo?"

77 Hanyuma baratekereza,"Turi Abakristo. Turi abizera. Turi mu matorero yo hejuru ahari. Abayobozi bacu ni intiti zatojwe neza." Kandi nyamara Yesu yababwiye ko batazi n'Ibyanditswe.

78 Reba uburyo Imana yabihishe amaso yabanyabwenge n'abashishozi, ikabihishurira abana bashaka kumenya? Yoo, Imbaraga zikomeye z'Imana itagira iherezo! Mbega ukuntu ari mwiza kubashaka kugendera imbere Ye! We ntazahagarika ikintu cyiza.

79 Kandi kubona umunsi igihugu cyacu, isi yacu, byangijwe n'ikintu kimwe!

80 Yesu yashakaga kubagorora neza. Baravuga bati: "Yooo, Aburahamu ni sogokuru. Kandi tuzaba turi mu Bwiza, mbese ntugahangayikishijwe n'ibyo, kuko twemera Imana. Turi inzobere mu kwigisha, kandi twemera Imana, kandi twigisha abantu bacu. Kandi uri nde Uzenguruka hano hamwe ni—n'ikimenyetso gito gishaje kandi ugerageza kubyitirira Imana? Ntakindi uri cyo uretse kuba Belizebuli." Hano mubona, bari bafite imyizerere yabo n'amadini yabo.

Yesu yarababwiye ati: "Muri satani." Mubitekerezeho!

81 Kandi nagereranya kiriya gisekuru n'iki, uyu munsi ubwo twabonye amamiriyoni yinjira mu matorero, dufite ibihumbi mirongo. Kandi Imana yaramanutse iza gutura mu itorero ryayo, no gukora ibintu bimwe nk'ibyo yakoraga icyo gihe, yigaragaza uko yari iri ejo, ko ariko iri uyu munsi, kandi ni ko izahora n'iteka ryose. Kandi abantu babitera umugongo, buri gihe, bamwe kugirango bakundwe, abandi kugirango birinde amahitamo. Bihatiwe ku bantu! Ugomba kugira amahitamo. Ntushobora kwihanganira kutagira uruhande na rumwe ubarizwamo. Ugomba kuvuga "yego" cyangwa "oya." Ntukave kuri urwo rugi ukiri wa muntu wa mbere winjiyemo. Ntubikore. Ufite gukora amahitamo. Yakore kuri Kristo muri iki gitondo.

82 Batekerezaga ko ibintu byose bigize itorero bizacungurwa. Yesu yaravuze ati: "Inzira irafunganye, kandi inzira ni ntoya, kandi ni bake bazayibona."

83 Reka nkuburire muri iki gitondo, torero, ni witonde. Bifata igihe uyu munsi, mu gisekuruza cyacu rurimo cy'indyarya, cyuzuye ubwenge, cyihagije turimo. Isaha iyo abagabo n'abagore bahagaze mu matorero no mu ntebe, bakaririmba indirimbo z'Imana, hanyuma bagasohoka muri iryo torero banywa itabi ry'isegereti, banywa whisky, hanyuma bakajya kubyina, kandi—kandi bakabaho kwisi, kandi batera urwenya rwanduye, rwuzuye, hanyuma bakiyita "Abakristo." Iyo abagabo n'abagore bashobora kugenda bava ku gicaniro cyangwa bava mu itorero, ndetse n'ahandi hantu h'Imbaraga z'umuzuko, aho bya bimenyetso bya Mesiya bikigaragazwa hagati yabo, kandi ntibabe ibyaremwe bishya muri Kristo, hari ikitagenda neza. Iyo ibinyamakuru bigerageza kubitangaza; byambukiranya inyanja ku yindi, amajya n'amaza uhereye muri utwo turere dukonja, two mu Majyaruguru ukagera mu mashyamba yo mu turere dushyuha two mu Majyepfo, Imana irayohereza, kandi abantu bagahora bayitera umugongo. Noneho twavuga iki, twakora iki? Tugarutse ku Byanditswe aho yavuze ati: "Inzira irafunganye, kandi inzira ni ntoya, ni bake bazayibona."

84 Yaravuze ati: "Nkuko byari bimeze mu gihe cya Nowa, ni ko bizagenda no mu gihe cyo Kuza k'Umwana w'umuntu." Ni mwumve, mu gihe cya Nowa, isi yari ituwe nkuko bimeze muri iki gihe. Ubumenyi bwabo bwari burenze ubwacu. Bubatse sphinxes na za piramide kandi bakora ibintu tutabasha gukora muri iyi minsi ya none. [Ahantu hadafashwe amajwi kuri kaseti—Ubwanditsi.] Abantu barenze, bakomeye, bafite ubwenge. Kandi wibuke, siyanse ivuga uyu munsi ngo: "Ni umunota umwe mbere ya saa sita z'ijoro." Ni umunota umwe mbere yuko isaha igaragaza igihe gipfuye. Biratinze kuruta uko tubitekereza. Ndizera ko—wizera ko Umwuka Wera aza kubishyira mu mutima wa buri mwizera, "nk'uko byagenze mu minsi ya Nowa"!

85 Ni bangahe bakijijwe mu gihe cya Nowa, muri kiriya gisekuru? Umunani, umunani kuri miriyoni nyinshi. Yaravuze ati: "Niko bizagenda no mu gihe cyo Kuza k'Umwana w'umuntu."

86 "Kandi nk'uko byari bimeze mu gihe cy'i Sodomu, ni ko bizagenda no mu gihe cyo Kuza k'Umwana w'umuntu." Mu bihumbi mirongo, ni batatu bakijijwe.

87 Wambwira noneho uti: "Mubwirizabutumwa, tuvuge iki ku bihumbi byose bigiye kuzana na We?" Noneho mwene Data, ibyo byakozwe mu bisekuru byinshi.

88 Nzatungurwa niba habonetse icumi muri iki gisekuru. "Inzira irafunganye, kandi inzira ni ntoya, ariko ni bake

bazayinyuramo."

89 Yooo, nzi amatorero, ibyo bavuga, "Ngo niba ushyize izina ryawe mugitabo uba uhindutse umunyamuryango, *ibyo*, tuza." Nta Byanditswe bivuga nk'ibyo. Niba ibintu byose byanditse amazina yabyo mu gitabo, no mu—mw'itorero, ubwo hazabaho miliyari miliyari inshuro miliyari, ibintu byose bizinjira. Hanyuma ubwo imyuka y'ubwoko bwose izaba ihari, mbese ubwo ijuru ryaba ari bwoko ki ryaba rimeze rite? Tekereza noneho.

90 Ni nkuko umuntu yambwira ati: "Noneho tegereza gato, mwene Data Branham. *Noneho, nuko*, numvise bavuga mundimi, nzi ko bazabigeraho."

91 Ibyo ntibishatse kuvuga na busa ko bazabigeraho rwose. Pawulo yaravuze, mu Bakorinto ba mbere 13 ati: "Nubwo mvuga ururimi rw'abantu n'urw'abamarayika, kandi singire urukundo, ntacyo ndi cyo."

92 "Yooo, nagiye mu kiganiro cy'*Utuntu n'utundi*. Yooo, yakoze imirimo ikomeye, ikomeye. Namubonye ahumura impumyi irabona."

93 Habe n'ubwo yari kuzimira. "Benshi bazaza aho ndi kuri uwo munsi bavuga bati: 'Mwami, sinabwirije mu Izina ryawe, ngahanura? Ntabwo, mu Izina ryawe, nirukanye amadayimoni? Ntabwo, mu Izina ryawe, nakoze imirimo myinshi ikomeye?' Azavuga ati: 'Nimumve imbere, mwa bakozi z'ibibi mwe, sinigeze kubamenya.'" "Inzira irafunganye, kandi inzira ni ntoya, kandi ni bake bazayinyuramo."

94 Reka nguhe ibigereranyo bizaguhungabanya. Dukurikije ubumenyi bw'ubuvuzi, mu mujyi wa Chicago, ukurikije imibare ya muganga, ko hari ibihumbi mirongo itatu by'abantu bakuramo inda muri Chicago honyine, mu minsi mirongo itatu, abaganga barabifite. Ni kangahe banywa ibyo binini bito n'ibindi ibintu bafata, byo gukuramo inda?

95 Imibare irabyerekana, muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, ko hari abana batemewe bavutse kuruta abana bavutse ku bashakanye. Wari uzi ko Bibiliya yavuze, mu Gutegeka kwa kabiri 14: 2, ngo: "umwana utemewe, byatwara imyaka magana ane kugirango ibyo bicike"? Abana babo abana abana abana abana ntibashobora guhagarara mu rusengero rw'Uwiteka, imyaka magana ane, ibisekuru icumi. Imyaka mirongo ine mu gisekuru. Sogokuruza wa-sogokuruza wa-sogokuruza wa-sogokuruza wa-sogokuruza wa-sogokuruza wa-sogokuruza wa-sogokuruza yari umwana utemewe, ntarebwa n'ikibazo! Noneho ni iki? Nyereka aho byahinduwe.

96 Tugeze he? Noneho ubu abatemewe, kubera ubusambanyi, n'abagore b'abanyabyaha bambara mu mihanda nk'abagabo, bikaba ari ikizira imbere y'Imana, abanywa itabi, abanywa cocktail, abitwa ko ari Abakristo. Imana iturinda izo ndaya!

Ni byo. Noneho biyita Abakristo? Ntibitangaje kubona Yesu yaravuze ati: “Inzira irafunganye, kandi inzira ni ntoya, ariko ni bake bazayinyuramo.”

97 Ntibashaka guca bugufi. Barivumbura. Ni murebe, ubwo Dawidi yabwirwaga icyaha cye yakoze, yahise yihana, kandi Imana iramukunda kubw’ibyo. Ubabwiye ibyaha byabo, bahita ko bavuga bati: “Sinzongera gukinga urugi na gato.” Kubera iki? Babonye ahantu henshi ho kujya, bashobora kujya muri ubwo buvumo butemewe buzihangani ibintu nk’ibyo. Ariko igihe kirageze ko ababwiriza bambara intwaro zuzuye z’Imana kandi babwiriza Ijambo batabangamiye, Ubutumwa bwiza. Abagabo bagomba kwicisha bugufi.

98 Nta gukoresha ukuri kukirangwa mu Bakristo habe na gato. Bashaka kuvuga bati: “Ndi Umumetodiste, Ndi Umubatisita, Ndi Umupantekote,” ibyo ntibisobanura *ko* ku Mana. [Mwene Data Branham ahonda intoki ze—Ubwanditsi.]

99 “Navuze n’indimi, nakoze ibitangaza.” Twibanze cyane kuri ibyo, mu gihe ibyo ari bimwe mu bintu bihumye amaso bashobora gukora. Ni byo. Imvura igwira ababi n’abeza nabarenganya. Imvura ivomera imyaka ni nayo yuhira urumamfu, Roy. Imvura imwe, Niwo wa Mwuka Wera umwe uza ku bantu. Ibyo ntibisobanura ko. . . Kamere yabo igomba kuba itandukanye, uhereye imbere. Ntabwo ari ukwigaragaza cyangwa kwerekana inyuma, ahubwo ni Umwuka w’imbere w’Imana nzima ibyo bituma uwo muntu ahinduka icyaremwe gishya, yicisha bugufi mu mutima we cyangwa acisha bugifi umutima we imbere y’Imana.

100 Uravuga uti: “Mubwirizabutumwa bwiza, urashaka kumbwira ko ushidikanya ko hari icumi kuri miriyoni na miliyari enye z’abantu ku isi?” Ndashidikanya niba hazabaho icumi rizajya mu Izamurwa. Nimubitekerezeho! Ndakubwira ibyo Yesu yavuze hano mubutumwa bwiza. Mubitekerezeho!

101 Mbese bishatse kuvuga iki? Kubera ko ubwiyandarike bwinjiye mu bantu, abana batemewe n’amategeko batangiye kuvuka, ibyo bituma bavaho. Murareba, dushobora guhagarara hano amasaha, dushyira ibyo bintu mu buryo, kandi ushobora kubona ko tubayeho mu bihe bya ruswa, yamaganwa, yamunze abantu. Ntibitangaje kubona badashobora kubona ibimenyetso, ntibitangaje ko badashaka kumva Ubutumwa bwiza, barinangiye, nyamara nkabanyamadini bavuga ko bubaha Imana.

102 Mbese Yesu ntiyabivuze ati: “Nuko Umwuka avuga yeruye ati, mu minsi yimperuka bazaba bakunda ibisindisha, bishyira hejuru, bakunda ibinezeza kuruta Imana, abanzi b’amahoro, batagira kwirinda, bagira amahane, kandi basuzugura abakora ibyiza, bafite ishusho yo kwera”? Murareba? Yooo, ushobora gutaka, byanze bikunze. Ushobora kuvuga mu ndimi, byanze

bikunze. Kwizera kuzirukana amadayimoni, byanze bikunze. Ariko ibyo ntabwo ari byo turimo kuvuga.

103 Noneho wambwira uti: "Mwene Data Branham, ni ikihe kimenyetso kiranga umukristo? Ni nde uzakizwa? Uzabikora, mwene Data Branham?" Nizeye ibyo ku Mana. Simbinzi. Nizera ko ndiho. Nsanisha ubuzima bwanjye, buri munsi, n'ijambo. Iyo budahuye n'iri Jambo, ubwo haba hari ikintu runaka kitagenda neza, ngomba gusubira nkakosora.

104 "Ni byo," uravuga uti: "Mwene Data Branham, iyo abantu bavuga mu ndimi, ntibisobanuye ko baba barakijijwe?" Oya, mugabo! Oya, rwose! Numvise abarozi n'abapfumu bavuga mu ndimi, ibintu by'imburamumaro. Nabonye abantu bavuga mu ndimi kandi babana n'umugore w'undi mugabo. Nabonye abantu bavuga mu ndimi, bagasimbuka hasi-no-hejurui basakuza nk'aho inzu yahiye, hanyuma bagasohoka bagakora ibidakorwa, bakiba, bakabeshya, n'ibindi byose. Ni gute ushobora kubikeka? Oya, mugabo.

105 bo mw'itorero, abadiyakoni mw'itorero, bagaragara neza uko bashoboye. Kubera iki, utekereza ko bari kugura lisansi ku cyumweru? Oya. Ariko kuwa mbere bagakora ibintu byanduye, biboze kandi bisuzuguritse. Imana iba ikorera mu mutima, ntabwo ikorera hanze, ni ikintu kiva ku mutima.

106 "Irembo rirafunganye, kandi inzira ni ntoya, kandi ni bake bazayibona." Nk'uko byari bimeze mu gihe cya Nowa, umunani muri izo miliyoni; nk'uko byari bimeze mu gihe cya Sodomu, batatu kuri miliyoni; ni ko bizagenda mu gihe cyo kuza k'Umwana w'umuntu.

107 Kandi urabona ubuyobe bari barimo. Urabona uburyo buri gitekerezo, cy'umuntu, ajya ahongaho nuko satani agashyiraho ababwiriza b'ubwenge bagahagarara ku gicaniro maze bakareka abantu bakayoborwa nayo.

108 Ejobundi umuntu yaravuze ati: "Ntabwo nakwifuza ko uhagarara ku gicaniro cyanjye, watuma abagore banjye basara." Oya, baba basanzwe bariho muri ubwo buryo. Ahubwo byabazana mu bitekerezo byabo byiza, babwire ko ahongaho bagomba kwambara iyi myenda n'ibindi. Kandi, ni byiza, umuntu agomba kubikora.

109 Nabwiye umugore wanjye nti: "Nanjye naba narasaze? Ndi umusazi? Cyangwa, mfite ikihe kibazo?" Ikintu kindimo ntigishobora guhagarara. Ngomba kukivuga, Ntabwo nitaye kubyo umuntu avuga.

110 Wavuga uti: "Ugiye kwangiza umurimo wawe." Ntacyo bitwaye, umurimo uwo ari wo wose Ubutumwa bwiza buzangiza, uba ugomba kwangirika.

Imana iduhe gushira amanga kugirango duhagarare m'Ukuri kandi tuvugishe Ukuri kujyanye na byo! Ni cyaha, amahano!

111 "Irembo rirafunganye," Ni ko Yesu yavuze, "kandi inzira ni ntoya." Namwe mutekereza miliyoni, kandi mwese Abametodisite, Ababatisita, Abaperesipiteriyani, Abapentekote binjira, uzabura aho ubakwiza uwo munsi. Yesu yaravuze ati: "Benshi bazaza bicare mu Bwami, bibwire bati: 'Mfite uburenganzira bwo kuba hano.'" Yaravuze ati: "Ariko abana b'Ubwami bazabirukana. Hazabaho kurira no kuboroga no guhekenya amenyo." Ni byiza kumenya uko uhagaze muri iki gitondo, Mukristo. Hazabaho miliyoni gukuba inshuro icumi gukuba miliyari z'abiyita Abakristo, kandi binangiye mu buzima bwabo, abo bazabura irembo. Yesu yarabivuze.

"Ni bangahe bazinjira?"

112 Sinzi umubare w'abazinjira. Gusa ikintu kiriho, "Mana, reka mbe umwe muri bo!" Ni ko bimeze. Ni Umucamanza. "Reka mbe umwe muri bo."

113 Wavuga uti: "Mwene Data Branham, ni ryari umuntu wavuga ko ari Umukristo?"

114 Simbizi. Ariko reka nkubwire icyo Ibyanditswe bivuga. Rwose Ibyo urabyizera. Igihe Umwuka Wera yoherejwe kw'isi, Imana yaravuze binyuze mu Mwuka Wera. Yohereje umumalayika muri twe—muri twe, mbere. Na We aravuga ati: "Genda unyure mu mujyi no mu bantu, ubashyire ikimenyetso ku gahanga, muri bo banihe kandi baboroge ku bw'amahano yabo, bakosore ibyo bintu."

115 Ikizira ni iki? Umugore uzambara umwenda w'umugabo. Bituma Imana ibyanga urunuka. Wigeze ugera ahantu ikintu giteye ishozi? Ngo wumve uko kikuzengereza! Ntushobora kubyihanganira. Umugore wambara imyambaro ya kigabo, ibyo ni byo Imana yanga urunuka; ushobora kuririmba muri korari, ushobora gusenga buri munsi, ugasakuza buri munsi, cyangwa kubaho kubw'Imana buri munsi, uciriweho iteka imbere y'Imana. Ni byo rwose ni ko Ibyanditswe bivuga. "Ikizira!" Kandi abashyigikiye bene abo bazagira uruhare kuri ibyo.

116 Imana iduhe ubuntu bwo guhagarara tukarwanya ibyo bintu. Niba ugomba kwihagararaho wenyine, ihagarareho kandi ufate Ijambo ry'Imana mu ntoki zawe. Ntabwo rizigera rineshwa.

117 Noneho tugeze mu minsi, aho, ikizira kiri mu bantu. Kandi marayika yarigendeye yongera gushyiraho ikimenyetso. Munshakire umuntu umwe muri Jeffersonville, niba ushaka kumenya uzahikura, munshakire umuntu umwe mu mujyi wacu uniha kandi urira, uhora uhangayitse kandi unanijwe, no gusengera amahano akorerwa mu mujyi. Ushobora kuzamura ukuboko ukagshyira k'umuntu umwe? Noneho fata iki

cyanditswe kigira kiti: “Inzira irafunganye, kandi inzira ifunganye iganisha ku Bugingo, bake ni bo bazayinyuramo.” Ni byo byonyine byagombaga gushyirwaho ikimenyetso.

118 Yooo, nshobora kukwereka benshi ko bajya mu rusengero. Nshobora kukwereka benshi baririmba muri korari. Nshobora kukwereka benshi bigisha mu ishuri ryo ku Cyumweru. Nshobora kukwereka benshi ari bo bayobozi bwi—b’imiryango ikomeye. Nshobora kukwereka benshi basakuza, benshi bavuga mu ndimi, benshi bakora ibikorwa by’Ivugabutumwa bwiza.

119 Ariko nyereka umwe byibuze ufite umutima uhangayikishijwe n’ibyaha by’abari mu isi! Nyereka umubwirizabutumwa bwiza ushobora guhagarara uyu munsi akamagana ayo madini. Nyereka umubwirizabutumwa bwiza uzahagarara akavuga ibintu, akamagana amadini. Byaba byiza atabikoze kuko bamuta hanze, akirukanwa, ni yo tike ye y’ibyo kurya bamuha.

120 Ntibitangaje ko Billy Graham yabwiye Jack Moore, ati, mbese ntubone uko ibiterane byanjye bi bihagaze, ati: “Ntabwo ari Umubatisita, nta n’ubwo ari Umumetodisiti cyangwa Umupantekote.” Ati: “Kandi abo bose baramurwanya.” Ni byo, simvuze ibyo . . . Impamvu itumye mvuga, sinshobora kubivuga ku mugaragaro. Mbibwiye itorero ryanjye bwite. Mfite urugamba, kuko ibihe bikomeye bingezeho.

121 Baravuga bati: “Niba uza, biraba ari byiza, ariko ntugire icyo uvuga kuri Byo.” Ushobora gusa no kurengera umwuka wawe uhumeka.

122 Nzabwiriza ibyo Imana yavuze ko ari byo bikwiye kubwirizwa! Ni byo. Bamwe muri bo umunani azisanga ahantu runaka. Umwe muri azaba ari ahantu runaka. Ariko kuri uwo munsi Sinshaka kwishinja kuvuga ko natandukiriye kubera imyizerere imwe cyangwa inyigisho zimwe z’itorero, cyangwa amadini amwe n’amwe. Nabwirije Ukuri!

123 Baravuga bati: “Kuki utabikora, kuki umurimo wawe, mwene Data Branham, usa nkaho ukomeye cyane, kubera iki udako nkuko abandi bagabo bakora?”

124 Ni byo rwose aho ngaho, ni byo. Njya mu migi, utekereza ko abo mu idini yitwa Amateraniro y’Imana bakwifatanya nanjye? Ntabwo ari ibyo nizera, ntibababikora. Birashoboka ko nabona umwe rimwe na rimwe. Utekereza ko Abametodisiti babikora? Gerageza, ushakishe urebe. Ba umuyobozi wanjye ungendeho icyumweru cyose. Niba winjiye, uzinjira mu Izina rya Yesu. Ni byo.

125 Yego, birumvikana ko bakujyanayo, byanze bikunze, bagushyira mu mwanya ahantu runaka, kandi kugirango utazahuzwa nabo mu buryo ubwo aribwo bwose. Hanyuma iyo ugiye, uravuga uti: “Yoo, ubu, mwene Data Branham ameze nk’uwavangiwe ho gato, urabizi. A . . . ”

126 Niba naravangiwe, ubwo na Bibiliya yaravangiwe mu Nyigisho. Ibyo ni byo Bibiliya yavuze! Yego, mugabo. Reba!

127 Yesu yaravuze ati: "Kuki munyita 'Belizebuli?' Wizeye Salomo, ikimenyetso cye cy'uburondozi. Wizeye umunsi we. Umwamikazi wo mu majyepfo aturuka mu mpande zose z'isi, kugira ngo abone iyo mpano, kandi abibonye yarabyizeye. Kandi utegura kandi ukabireba buri munsi, kandi ntubyizere."

128 Kandi Barumuna Be ntibamwemeye. Baramubwiye bati: "Zamuka ujye mu birori," Yarabasubije ati: "ariko njye sinzamuka nonaha." Yanyuze mu yindi nzira, kubera ko abavandimwe Be Bwite batamwemeye. Ni byo. "Irembo rirafunganye, kandi inzira ifunganye, ni bake bazayinyuramo."

129 Iyo bigeze ku bigishwa, mu kwerekanwa, mbese bari bari he? Umugore n'umugabo bahagaze ku musaraba hamwe na We, Yohana na Mariya. Abandi bose bari bigendeye.

130 Uku ni ukwigaragaza. Iki ni cyo gihe. Iki ni igihe Imana irimo kwerekana ibikorwa byayo. Ni igihe Mesiya ari kw'isi. Ni gihe Imbaraga z'Imana zigendagenda mu bantu Bayo. Kandi babita "abera-bazubaye, abasazi, abatagira ubwenge," yewe, ibintu nk'ibyo. Ariko isaha irageze!

131 Mu by'ukuri hazabaho gutungurwa gukomeye mu rubanza.

132 Yewe, umujura, azi aho azajya mu gihe cy'urubanza. Ndetse n'uwenga inzoga azi aho azaba ari. Ndetse n'indaya izi aho izahagarara. Uko ni ko n'ukina urusimbi azi aho azahagara. Uko ni nako umusinzi azi aho azahagarara. Ntazatungurwa.

133 Ariko se uzatungurwa azaba ari he, ni uwibwiraga ko ari mu kuri. Aho ni ho ugutungurwa kuri. "Nibagerayo, bazavuga bati: 'Ni ukuri, twirukanye amadayimoni mw'Izina Ryawe. Turi ababwiriza. Turi mu matorero amwe n'amwe. Twakoze ibitangaza bikomeye. Yoo, twarabwirije! Kubera iki, nabaye i—nabaye igisonga mu itorero. Nabaye umwepiskopi. Nabaye *uyu*.' Mujye kure Yanjye, mwa nkozi z'ibibi mwe, sinigeze mbamenya." Aho ni ho uri. Uko ni ugutungurwa. Yaravuze ati: "Abana b'abana babo bazinjira bicazwe mu Bwami, bavuge bati: 'Twahawe uburenganzira bwo kuba hano,' kandi bazajugunywa inyuma mu mwijima, aho hazaba barira, baraboroga kandi bahekenya amenyo." "Irembo rirafunganye, inzira ifunganye, iganisha ku Buzima, ni bake bazayinyuramo."

134 Kuri mwebwe, bwoko nkunda, muri iki gitondo, ibi mubyumve. Ibi sinigeze mpihimba. Nshinzwe kubivuga. Ibyo ni byo nshinzwe. Niba nta yindi nyigisho nigeze mbwiriza mu buzima bwanjye, uko ni Ukuri: hazabaho abantu bake bakijijwe. Gusa wibuke ko: bake cyane. Uri umwe muri bo.

135 "Abo ni bande, mwene Data Branham?" Simbazi. Nta n'undi ubazi. Natwe dukorera agakiza kacu dufite ubwoba no guhinda umushyitsi.

136 Ariko ube mu murongo n'Imana. Niba umutima wawe udatera gusa kubw'iyo Bibiliya, noneho ubwo haba hari ikintu kitagenda neza, hari ikitagenda neza. Ibyo itorero ryawe ryavuga byose, ibyo si byo byakujyana yo. Wajyanwayo n'ibyo Imana yavuze. Iki ni cyo Gitabo kizagucira urubanza, Bibiliya. Gumana na Yo!

137 "Yooo," uravuga uti: "rero, nabatijwe mu Izina ry'Umwami Yesu." Ibyo ni ukuri, ibyo ni Bibiliya. Ariko niba ubwo buzima butayikurikije, kubatizwa ntabwo byakugiriye akamaro cyane.

138 Uravuga uti: "Rero, nahawe Umwuka Wera." Ibyo ni byiza, ni byo wagombye kuba warakoze. Ariko niba ubuzima butarimo!

139 Wibuke, urumamfu rwakira imvura imwe n'igwa ku ngano kugirango rukure, ituma urumamfu, narwo rumera. Urumamfu ruto rukuze ruba ruri aho narwo runezerewe nk'uko ingono zinezerewe. Ibyo ni byo, bibaho mu buzima bumwe. Kandi umunyabyaha ashobora kuguma imbere y'Imana, akaririmba intsinzi, akabaho nk'uko Umukristo abaho. Ariko niba nta kintu kimucira urubanza mu mutima! Ashobora kugira Imbaraga zo kwirukana imyuka y'amadayimoni. Yesu yarabivuze. Ashobora kwamamaza Ubutumwa bwiza neza nk'uko abandi babwiriza bose babikora. Ni byo rwose, Yesu yarabivuze. Bibiliya irabyigisha. Yego, mugenzi wanjye. "N'ubwo navuga ururimi rw'abantu n'urw'abamalayika, n'ubwo natanga umubiri wanjye ugatwikwa nk'igitambo, N'ubwo natanga ibyanjye byose bikagaburirwa abakene, Mfi—Mfite kwizera kwimura imisozi, nkora ibi byose, mbwiriza mu Izina Rye, nirukana abadayimoni mu Izina Rye," yaravuze ati: "Ntacyo ndi cyo." Rero, yashoboraga kubikora, kandi "ntacyo ari cyo." Urumva iki gitekerezo?

140 Noneho, icyo ugomba gukora ni iki, bivuye ku mutima wawe, ube Umukristo, noneho winjiremo unyuze mw'irembo rifunganye. Kubera ko, igihogere ni nzira igana mw'irimbukiro, kandi abantu miliyoni inshuro miliyoni bo muri iki gisekuru cy'abizera bazanyura muri iyo nzira. Kubera ko, irembo rirafunganye, kandi inzira ifunganye, ni wowe na Kristo mwenyine.

141 "Inzira ifunganye iganisha ku Buzima, kandi hazabaho bake gusa bazayinyuramo." Noneho, ayo ni Amagambo y'Umwami wacu. Mbega! Yakoraga iki? Yari ahagaze aho, arondora ibitekerezo byabo.

142 Maze aravuga ati: "Ni Beelizebulu. None se, ni gute Ashobora kuba Imana? Ni Umugabo! Ubu butware bwaturutse he?" Baravuga ngo buva mu mujyi We Bwite.

143 Iyo utembera hano mu mujyi, bisa nk'aho. . .Ibi simbivuze ku bwo kubasuzugura; muri Abakristu, murankunda. Iyo mutembera hano mu mujyi, bisa nk'aho imbaraga za satani

zibaciye intege. Aha hantu haciriweho iteka. Uyu mujyi waciriweho iteka.

144 Billy Graham yavuze ngo iki igihe yinjiraga i Louisville? Yaravuze ngo aha ni "ahantu hari imbaraga za-kidayimoni kurusha ahandi" yari yarigeze kubona mu buzima bwe. Ubishyize ku rupapuro yaravuze ati: "Ushobora guhita wumva gukandamizwa na satani."

145 Ni byo, nashoboraga kubyumva. Kubera iki? Aha ni iwanjye. Igihe Yesu yasubiraga mu Rugo Rwe, yavuze imirimo myinshi ikomeye atashoboraga gukora, kubera kutizera kwabo. Yaravuze ati: "Umuhanuzi ntabwo ahabwa icyubahiro, umubwiriza, keretse iyo ari mu—mu gihugu cye bwite, mu bwoko bwe." Reba? Ntacyo wabikoraho, Ibyanditswe ni ko bivuga. Urabona?

146 Noneho, iyo ugenda hano mu mujyi! Kandi ntumbwire ko ntari kubimenya. Ngenda mu bantu bakankora mu ntoki maze bakavuga bati: "Yooo, mwene Data Branham, ndagukunda." Kandi uzi ko icyo ari ikinyoma! Uzi ko ari ikinyoma. Niba Imana ishobora kurondora ibiri ku mutima, ese kubera iki idashobora kubimbwira?

147 Ni ukuri, kandi biba mu bantu bawe mu mujyi hafi yawe! Iyo bakubonye, baravuga bati: "Ni byiza, urabizi, Nabonye aho runaka-runaka . . ."

"Hehe? Hari hehe?"

"Haruguru aho . . ."

"Ahaa! Uwo musore turamuzi!"

148 Urabyiyumvisha. Reka nkubwire, urareka umuntu akaza iwawe atagukunda cyane, mwinjize mu nzu yawe gato hanyuma wiyumvire iyo myumvire isekeje. Noneho bikube ibihumbi cumi na bine, maze wumve icyo ndimo kuvuga. Noneho ugere ahantu abantu bose bagukunda, uko kwakirwa neza, gusa, yooo, mbega, kandi ushobora kwigumira ahongaho iteka, reba. Ni byo, reba, ni umwuka. Kandi abantu ntibazi ibyo ari byo, bibaza impamvu abaturage banduye cyane.

149 Igituma abagore baba beza, igituma abagore baba beza bambike imyenda iteye isoni ubareke bajye hanze? Igituma, n'ubwo haba hakonje, abakobwa bato b'imyaka cumi n'itandatu y'amavuko, bambaye imyenda batagomba kwambara imbere ya nyina, ari hanze mu muhanda? Ni ukubera ko, atari uwo mwana (uriya mwana nta kindi azi), ariko kubera ko ababwiriza bamwe ku ku gicaniro bananiwe kubahiriza inshingano zabo. Ibyo ni ukuri rwose. Nta gushidikanya. Abagore bajya mu muhanda, bambaye imyambaro ikurura ubusambanyi n'ibindi nk'ibyo, maze abanyabyaha bakamureba batazi ko mu by'ukuri afite icyaha kuva yarabanaga n'uwo mugabo. Ni ko Yesu yavuze! Yesu yaravuze ati: "Umuntu wese ureba umugore akamwifuza, aba yamaze gusambana na we mu mutima we, kandi agomba

kubibazwa ku munsi w'urubanza." Irembo rirafunganye, kandi inzira ni ntoya!

150 Nzi ko utekereza ko ndi umusore ugoranye. Ntabwo ngoranye! Ndi mwene So, kandi ndagukunda.

151 Hunga uburakari bugiye kuza! Jya ku musaraba urire kugeza umutima wawe wuzuye Umwuka We, ibyo bizatuma utera iby'isi byose umugongo, maze witware nk'uw'Imana imbere yayo, n'umutima wawe ugurumana ku Bwayo. Urukundo! Ntabwo ari inshingano. Kristo ntabwo ari inshingano, gukorera Kristo, ni urukundo rukorera Kristo. Rurakwihorera, rukakureka, kugeza igihe ibigeragezo byose by'ubuzima bwawe birwanye na Yo. Ubwo ni bwo ubona icyaha.

152 Yaririye kw'isi. Byababaje Imana mu gihe cya Nowa, igihe Yabonaga imitima y'abantu. Yesu ajya hejuru ku musozi, maze aravuga ati: "Yerusalemu, Yerusalemu, ni kangahe naba narakuzengurutse, ariko isaha yawe irageze inzu yawe isigare ari umusaka."

153 Niko bizagenda no mu Kugaruka k'Umwana w'Imana, imitima y'abizera nyabo yarashenjaguritse. Ubungubu babona hagomba kubaho ububyutse bukwira iki gihugu. Bishoboka bite ko byanyura mu gatsiko katemewe? Bishoboka bite, mu gihe bahatiwe gutangirana na bwo?

154 Ubwami bw'Imana bumeze nk'umuntu wataye urushundura mu nyanja, maze, mu gihe arukuruye, akazana utunyamasyo, inzoka, ibikeri n'amafi make. Ntabwo ari we wagombaga guhitamo icyo aroba, we yarujugunye mu mazi gusa. Ibyo ni byo Ubutumwa Bwiza bukora. Ibyo ni byo Billy Graham, Oral Roberts, njyewe ubwanjye, n'abandi babwiriza bose babwiriza Ubutumwa bwiza, twashyize ahagaragara, bubinjizemo, "Barahari, Mwami." Ariko se dukora iki buri gihe? Twaje gusanga, mbere y'uko mwongera gusubirayo, baba barongeye gusubira mu kiziba. Ni ibiki? Mu gutangira, kari akanyamasyo. Ibyo ntibyamuhinduye, kugirango afatwe mu rushundura rw'Ubutumwa bwiza. Yatangiye ari akanyamasyo. Yatangiye ari ubwoko bw'akanyamasyo bwitwa terapini. Yatangiye ari inzoka. Yari indyarya mbere yo kwinjira mw'itorero. Ntiyifuzaga kureka kunywa inzoga no gukina urusimbi, kunywa itabi no kubeshya, no kwiba. Yinjiye gusa kuko yatinyaga ikuzimu. Uba urimo kwigira umukandida w'ikuzimu, iyo ukoze ibyo. Uko ni ukuri. "Irembo rirafunganye, kandi inzira ni ntoya, kandi ni bake bazayinyuramo."

Reka dusenge.

155 Mwami, yooo, nshakisha, Mwami. Goragoza ikibazo cyanjye nonaha, Mwami. Ntutume ninjira imbere y'urubanza mbere Yawe, nyuma yo kubwiriza muri ubu buryo. Yoo, niba hari ikintu gihumanye muri njye, Mwami, gikureho, ndakwinginze! Turabona iminsi turimo, mu gihe abagabo n'abagore barimo

kwisuzuguza cyane. Bateye isoni. Umunsi umwe waravuze uti: “N’abakobwa ba Siyoni ntibakicyesha mu maso.” Imyitwarire yabo yabavuyemo ku buryo batagikeye mu maso. Yooo Mwami, bitekerezeho! Kandi mumenye ko urushinge rw’isaha rurimo kwihuta, undi munota umwe cyangwa ibiri gusa, maze irimbuka rikomeye rikaba, noneho reka uwanduye akomeze yandure.

156 Mana, udukangure twese muri iki gitondo. Tunyeganyeze, Mwami! Turabona ibimenyetso byigaragaza. Twafunguye amaso kugirango tubimenye. Turabona amamiliyoni, amamiliyoni, Mwami, basubiye inyuma barigendera. Ndibaza, Nakora iki, Nakora iki, O Mwami? Hari icyo nakora, Mwami? Niba bisaba kubwiriza kurushaho, amasengesho menshi, ikindi kintu cyose, umfashe, Mwami, kugirango mbashe kugeza Ubutumwa ku bantu. Nakora iki? Ariko bakomeza kubitesha agaciro. Ukora ibimenyetso byawe bikomeye ndetse n’ibitangaza Byawe, nyamara ubwoko bwawe bukabirengaho. Ese Ibyanditswe Byera bigomba gusohora, ese ni igihe cyo kuvuga ngo “Nta muntu ushobora kuza aho ndi atari Dataa uhamuzanye, kandi abo Data yampaye bose bazaza aho Ndi”? Mwami Mana, nyemerera muri iki gitondo ubwoko bwawe bukanguke bubone iki kimenyetso cya nyuma cy’isi. Ndasenga, Mana, kugira ngo ugire icyo uha ubwoko bwawe.

157 Ha umugisha aba bantu bawe bato bari hano muri iki gitondo. Mana, tangirana na mwene Data Neville, Mwami. Kiza umubiri we. Ararwaye muri iki gitondo, Mwami, arababara mu igifu. Ndagusabye kugirango ukuboko kwawe gukiza kube kuri we. Kangura ubugingo bwe.

158 Mana, gendana n’iri torero. Hari abagabo n’abagore bicaye hano dushobora kutazongera kubonana kugeza kuri wa munsi m’urubanza, kandi ngomba kubazwa ibyabo. Ariko nzasoma Ijambo Ryawe rivuga riti: “Irembo rirafunganye kandi inzira ifunganye, bake ni bo bazayinyuramo.” O Mwami, reka babe “bake,” bamwe muri bo, Uzabikora, Mwami? Byemerere buri muntu wese uri hano.

159 Ndasenga nk’uko umuntu ashoboraga gusenga gusa. Mwami, aba bantu bashoboye kunkorera ikintu icyo ari cyo cyose, ku bwo kumfasha. Iyo nasonzaga, barangaburiraga. Iyo nakeneraga ikoti bararinguriraga. Bishyiraga hamwe bakangurira imodoka, kugirango mbwirize Ubutumwa bwiza. Bashoboraga gukora ikintu icyo ari cyo cyose muri ubwo buryo. O Data, shakisha ubugingo bwabo muri iki gitondo, ndakwinginze ubikore, kandi ubareke babushakishe imbere Yawe. Simbizi, nizera ko buri wese muri bo ari muri izo Ntore. Nanjye unshyiremo, Mwami. Niba kandi hari impamvu ituma ntabasha kuba ndimo, Mwami, Wowe ubimbishuririre gusa, Ndabikosora nonaha. Ndashaka kumenya neza, Mwami, ko muri cya gitondo nta kibazo kizabera kuri rwa ruzi. Ndashaka kujyamo uwo munsi. Kandi sinzi igihe

ibyo bizabera, birashobora ko byaba uyu munsi. Rero, mfasha kubimenya, fasha aba bantu kubimenya.

160 Kandi iyo tubonye imitima yacu itabyitayeho! Yooo, twishimira Ubutumwa bwiza twumva kuri radio, cyangwa kujya mu rusengero. Twishimira Ubutumwa bwiza. Ntacyo bidutwara iyo tuvuga Yesu ahantu runaka. Ariko, Mwami, icyaha ni umutwaro kuri twe, kandi gituma amarira azenga mu maso, gutaka no kurira no guhagurukira kukirwanya, ibintu byose, amahano yakorewe mu mujyi? Mwami, reka Malayika w'Imana abitubonemo, maze adushyiriireho ikimenyetso. Bitwemerere Mwami.

161 Nubwo bimeze bityo, ngwino Mwami Yesu, noneho utegure imitima yacu, kandi uduhe ibimenyetso Byawe by'ukuri ko uri hagati yacu, kugirango tumenye ko twakira—twakira ikimenyetso cya nyuma mbere y'uko iki gisekuruza kirangira.

162 Kandi tubona ibintu bitemewe, iyo umuntu uba mu gihugu akabyarana abana n'abagore b'abandi bagabo, na—n'abakobwa bato ku muhanda, nuko amagana bakikura ma mashuri buri mwaka maze mu myaka icumi y'amavuko akaba yabaye umubyeyi, kandi nta cyubahiro aba agifite, ubwo ni uburyo abagore bahinduka uburozi, bo ubwabo, banywa itabi kandi—kandi banywa inzoga, bareba tereviziyo n'ibindi byangiza imitekerereze y'abana. O Mwami, ibi bizageza ryari? Kandi Wowe, uri Imana Yera!

163 O Data, Ndi—Ndiyumvamo ikidasanzwe uyu munsi ko hari ikintu kigomba gukorwa byihuse, Mwami. Sinzi icyo navuga, ariko ndasenga, Mwami, kugirango uzashyire mu mitima yacu ibyo tugomba gukora. Twemerere ibyo bintu, Mwami. Tubisabye mw'Izina rya Yesu. Amen.

164 Igihe kiregereje. Umuntu wese ushyira mu gaciro ufite ibitekerezo, azi ko hari ikintu kigiye kubaho. Nta muntu uri muri iyi nyubako, ufite ibitekerezo bizima, ariko umenye ko iyi si idashobora gukomeza muri ubu buzima.

Ntidushobora kubaho, nshuti zanjye. Nta kintu na kimwe, nka pasiteri n'umuvandimwe wawe nta kintu kimwe nshobora kukuyoboraho muri iki gitondo cyeretse kuri Yesu Kristo. Nta kintu nzi. Tekereza gusa ku bintu byahanuwe ko bizaza mbere y'uko Kuzamurwa kubaho, ikintu cyose nzi mu byakozwe cyarasojwe.

165 Muravuga muti: "Iby'ikimenyetso cy'inyamaswa byo bimeze bite?" Ibyo bizaza mu gihe cy'amakuba. Itorero rizaba ryarazamuwe. Ntabwo ugomba kuryitaho, iri rizaba ryarazamuwe, urabona. Ikimenyetso kirimo gushyirwaho ubu. Gushyirwaho ikimenyetso ni ukwigaragaza, ikirango. Hungira ku Mana, Yihungireyo wihuse!

166 Ndibaza muri iki gitondo, mu gihe dugitegerereje hano umunota umwe gusa. Kandi ndiyumva nk'uko mwiyumva.

Nsho—Nshobora kumva ibyiyumviro byanyu, buri wese muri mwe agerageza gutekereza ati: “O Mana, nshakisha!” Ubwo ni bwo buryo nivumvamo, nanjye. Naje gusanga Ubutumwa nk’ubu, nshuti zanjye, ntabwo ari ubutumwa bumenyerewe mu bantu. Murabamaganye kandi muraba-. . .mu—mubacisha bugufi gusa. Hari umuntu ujya akora ibyo. Nifuza ko yaba abandi batari mwebwe. Ariko niba ibyo bikwiye ko mbikora, niba ndi umugore ukora isuku, mundeke nkore isuku. Niba ndi. . .Dawidi yaravuze ati: “Nahitamo kuba umuzamu w’Inzu y’Imana, kuruta gutura mu mahema mfite ibyaha.” Ni byo. Icyo Imana ishaka ko ukora cyose, gikore. Ntukagire isoni. Niba hari. . .

167 Kandi, ibuka, nzi ko ari cyo kintu gikomeye. Wavuga uti: “Mwene Data Branham, uravuga ngo ubugingo bw’abantu umunani gusa ni bwo buzarokoka?”

168 Sinzi umubare w’abazarokoka, sinshobora kuwubabwira. Ariko ndavuga ikintu kimwe: bazaba bake cyane, ku munsi nk’uyu. Tekereza gusa, kuri uriya munsi aho Yari ari, ni bangahe barokotse. Tekereza ku munsi wa Nowa, no ku munsi wa Loti—Loti, n’abandi bose, Yaravuze ati: “Ni ko bizagenda mu gihe cyo kuza k’Umwana w’umuntu, kubera ko, irembo rirafunganye, kandi inzira inzira ifunganye.” Urabona, ni wowe ubwawe wijyanayo, hamwe na We, ni ibyo gusa. Urabona? “Kandi ariko bake ni bo bazayinyuramo.” Ni bangahe bizera ko Ubutumwa Bwiza ari Ukuri? Yesu Kristo yarabivuze ati: “Bake ni bo bazayinyuramo.” Bake cyane. Ba umwe muri abo bake. Nzi ko ibyo bigoye, ntibyoroshye. Kandi bintera kubivuga, nkumva urukundo rwa kimuntu kuri mwe, ariko urukundo rw’Imana rurambuza kubibabwira.

169 Noneho, Umwuka Wera umwe wakoze mu gihe cya Aburahamu, wakozwe mu gihe cya Kristo, yasezeranije kuba hano kugirango akore nk’ibyo yakoraga. Ari hano. Noneho, niba narababwirije Ukuri, Imana yashyize itegeko kuri uko Kuri.

170 Niba ntakomeje ijambo ryanjye, ntabwo ndi umuntu w’ijambo ryanjye. Niba udakomeje ijambo ryawe, ntabwo uri umuntu w’ijambo ryawe. Noneho, nshobora kubasezeranya ikintu kandi singikore, ariko—ariko nzaza kubibabwira. Niba hari icyo nkugomba, nkakiguhisha, mba ndi indyarya. Niba naje nkababwira nti: “Mbafitiye umwenda, ariko sinshoboye kubishura, ariko nzakora uko nshoboye,” noneho mumbabarire kandi mumfashe. Murabona?

171 Twese hari umwenda tugomba Imana. Tuyirimo umwenda w’ubuzima bwacu. Reka tuvugishe ukuri. Sohoka uvuge. . . Ntukavuge ngo: “Ni byiza, noneho itegereze, Ndi—Ndi Umuperesibiteriyani. Ndi Umumetodisiti. Ndi Umupenekositi. Ndi uw’Itorero ry’Imana. Ndi Umunaziri. Ndi Nyiricyubahiro.”

Ntutekereze ibyo! Hazabaho amamiliyoni azibona ikuzimu. Uri Umukristo, muri Kristo.

172 Ni bangahe bazavuga bati: "Mwene Data Branham, nyibuka mu masengesho muri aka kanya, ndashaka guhaguruka?" Imana iguhe umugisha.

173 Mwami, Urabona ibiganza byabo. Isaha irageza, Umwuka Wera ukomeye yuzuye iyi nyubako muri iki gitondo. Ndumva Ukuhaba kwawe. Ndibwira ko Uri hano ku bwo kubaha Ijambo ryawe, "Njyewe Uwiteka nateye igiti, kandi nzacyuhira amanywa n'ijoro, kugira ngo hatazagira ugikura mu biganza Byanjye." Wohereje Ijambo ryawe ku bw'intego, kandi Riza—Rigomba kuyigeraho, Mwami. Ibyanditswe bivuga ko uko wari uri ejo ariko uri uyu munsi, n'iteka ryose.

174 Ntibashoboraga kwizera, abantu bo mu gihe cyawe ntibashoboraga kwizera ko Umwuka Wera yari ari muri Wowe. Kandi Wowe Ubwawe wihinduye (uri Umuntu) Imana, ari byo, Wari Umwana w'Imana wavutse kw'isugi waje kw'isi kugirango aducungure tuve byaha byacu. Kandi kubera ko babonye Umwuka wImana muri wewe, bagerageje kubitandukanya. Maze Urababwira, Mwami uti: "Ntabwo ari Njye ukora imirimo, ni Data uba muri Njye. Akora imirimo. Niba warahamagaye Aburahamu 'data.' Aburahamu yabonye umunsi Wanjye." Ni ukuri, yarawubonye, igihe yari ahagaze iruhande Rwe, amubona akora iyo mirimo akanabisinyira. "Yabonye umunsi Wanjye arishima." Yaravuze ati: "Ni ikosa, kutamenya Ibyanditswe cyangwa Imbaraga z'Imana, ni gute burya Imana ishobora gutwikira umukobwa w'isugi, kandi abyare Umwana (abyarwe n'umukobwa w'isugi) kandi akicara We ubwe mu gusohora kw'Imbaraga Zayo, muri uwo Muntu umwe."

175 Ubundi se ni gute Yari gushobora gufata kuri ayo Maraso amwe akayakura muri uwo Mubiri akayatanga nk'Igitambo, nuko akeza umuntu We ubwe ashobora guturamo, agakomeza umurimo We kugeza isi itwitswe! O Mana, kanguka abantu kugirango babibone. Bitwemerere. Kiza abantu bose bazamuye ikiganza. Sukura imitima yabo. Mwami, ibiganza byanjye birazamuye. Nyeza, O Mwami. Iyi ni inzu yo gukosorerwamo. Aha ni ahantu tugomba kwerezwa. Reka Umwuka Wera atwoze muri iki gitondo, kandi atweze adukize ruswa.

176 Turasenga, Mwami, kugirango hatagira umuntu uva hano atujujwe Umwuka Wera. Ahari ntihazabaho amarangamutima n'amwe aturutse hanze ibyo nibiba. Ariko, Mwami, jyamo, kuramo igikonoshwa utwereke icyo turi cyo, Mwami. Bitwemerere. Noneho utwuzuze Umwuka Wawe, n'umutima w'ukuri kandi utunganye. Kandi muri iki gihe cy'itotezwa n'ibigeragezo bikomeye, Uzatugwirize ubugwaneza n'igikundiro mu gihe turi mu rugendo, dutegereje wa munsi. Mu gihe amarira atemba ku matama, kubw'ibyaha bikorerwa mu mujyi, Umwuka

Wera abirebe maze avuge ati: "Hariho uwo nshobora gushyiraho ikimenyetso, ni Uwanjye, ni Uwanjye." Bitwemerere, Mwami. Reka biboneke muri twe uyu munsi. Turabisaba mw'Izina rya Yesu. Amina.

> Iyo ngeze ku ruzi umunsi urangiye,
> Umuyaga wanyuma w'agahinda wahushye;
> Hazaba hari Umuntu utegereje uzanyereka inzira,
> Ntabwo nzambuka Yorodani njyenyine.
>
> Ntabwo nzambuka Yorodani njyenyine,
> Yesu yapfiriye ibyaha byanjye byose kugira ngo abe impongano.
> Mu gihe cy'umwijima ndabona, Azaba antegereje,
> Ntabwo nzambuka Yorodani njyenyine.

177 Ndashaka ko We mumenya ubu. Fata ukuboko kwanjye, Mwami w'igiciro kinini, nyobora, mpagurutsa. Reka mpagarare hano, Mwami, kugirango ndwanye ikintu cyose cyitwa ikibi, ikintu cyose gisa n'ikibi. Ntabwo nitaye kubyo umuntu uwo ari we wese avuga, mpagurutsa, Mwami. Iyo maze gukora ibyo nshoboye byose, umfashe guhagarara. Mfata ukuboko unkuremo, Mwami. Gira icyo ukora, mpagurutsa. Iyo hari ibintu bibaye, n'ubutunzi bw'iyi si n'ubwibone bwayo n'icyubahiro cyayo; mpumya amaso simbibone, reka ndebe We gusa Uwampfiriye. Niba bisaba inshuti zose mfite, niba bisaba ibyo ntunze byose; ibyo ntibisobanura ikintu kimwe, byose mbizanye ku gicaniro. Ngibyo, reka mpagarare nemye. Kandi umunsi umwe ubwo umwuka uzampuha mu maso hanjye, nzamenya ko umutima wanjye wagiye kandi ko iminsi yanjye irangiye, kandi igihe cyanjye kirarangiye n'ikarita yanjye yizinze, sinshaka kwambuka Yorodani wenyine. Azaba ahari. Yego. Iyo umwijima uje ndabona, Azaba antegerereje hariya, singomba kwambuka Yorodani wenyine. Niba muhagararira nonaha, nawe Azampagararira icyo gihe. Nzabaho ku Bwe We wampfiriye, mbega ukuntu ubuzima bwanjye buzaba bwishimye. Ndashaka guhagarara muri ubwo buryo.

178 Ndakeka ko hano hari abarwayi. Hari amakarita yatanze? Nibagiwe. Batanze amakarita? Hari amakarita yatanzwe? Umuntu wese yabonye amakarita yo gusengerwa? Oya.

179 Ntegereje gusa Umwuka Wera. Niba mwizera gusa, mwizere gusa, ntimushidikanye. Niba Imana izampishurira ibibazo byawe. . .Ibyo aribyo byose, simbizi; niba uzamuye ikiganza, ntuzi kandi nanjye sinkuzi. Noneho niba Imana iibihishuriye hano, wakwemera ko ari Umumalayika umwe wazanye Ubutumwa mbere y'irimbuka rya hariya, yagombaga kuba ari Umumalayika umwe wabuzanaga muri icyo gihe mbere y'irindi

rimbuka. Murabyemera? Niba mubyemera, muzamure ikiganza cyanyu. Ni byo. Ni byo, Uwiteka abibahe.

180 Yicaye hafi yanjye. Hariho undi wicaye hafi yanjye, ni Mme. Snyder hano, cyangwa uyu Mme. Murphy hano, izina rye ni irihe, yicaye hano neza. Ndabazi.

181 Uyu mugabo simmuzi, ni umunyamahanga kuri njye. Ariko Imana iramuzi. Niba Imana ibimpishuriye nonaha, ni bangahe muri mwe bazi ko atari . . .

182 Ntimundebe. Mana yanjye, Ndi umuturage wa Kentucky, kuva birebana n'ibyo. Nta—Ntabwo mfite amashuri ahagije, biragoye, ku—kwandika izina ryanjye bwite. Ariko hari ikintu kimwe nzi, We ndamuzi. Kandi ibyo, ni byo—ni byo nitaho kumenya. Noneho, ntu—ntukite kubyo ikibonezamvugo cyanjye.

183 Kandi ushobora gutekereza ko ikibwiriza cyanjye muri iki gitondo kitari kumurongo n'ibindi byose, uyihuza na Bibiliya inshuro imwe ukareba niba udakwiriye ku rugero rwa zeru. Reba niba indorerwamo zawe zitarimo nu—nuzishyira hariya. Ntukabihuze n'ibitekerezo byawe bwite, ahubwo ubihuze n'ibyo Yavuze. "Irembo rirafunganye, inzira ni ntoya, kandi ni bake bazayinyuramo; kubera ko inzira yagutse ni inzira iganisha ku kurimbuka, kandi irembo rigari, ni ryo abenshi bazinjiramo," miliyoni inshuro miliyoni bazajyayo. Umwe kuri miliyoni birashoboka ko ari we uzinjira. Aho turi kumwe. Ibyo ni byo yavuze. Noneho, ntabwo We yigeze atanga iyo mibare, ariko yaravuze ati: "Nk'uko byari bimeze mu gihe cya Nowa, ubugingo umunani. Nk'uko byari bimeze mu minsi ya Sodomu, batatu." Mu bantu bose, batatu barakijijwe, bakizwa n'umuriro. Ni ko bizagenda!

184 Noneho, niba hari umuntu w'umunyamwuka w'ukuri, Ndashaka ko ureba uyu mugabo wicaye hano, arandeba buri kanya uko ashoboye. Yazamuye ikiganza, simuzi; sinigeze mubona, kandi ntacyo nzi kuri we. Yicaye hariya gusa arimo kundeba. Ariko, murareba, arimo gushaka ikirere, asenga. Ubwo rero, ni byo. Noneho, niba Uwiteka azambwira . . . Uriya mugabo wicaye hariya kure yanjye, kandi njyewe nawe ni bwo tukibonana bwa mbere, yariya niho yicaye. Niba Uwiteka ampishuriye icyo ari cyo—icyo ari cyo . . . njye—njye sinshoboraa kumukiza. Sinshobora, sinshobora gukora ibyo, kubera ko Imana yamaze kubikora. Ariko byari kongera ukwizera kwawe. Abantu bose barabibona nonaha, Ari hano, neza neza Umwuka umwe. Kandi ni mwibuke, Yesu yasezeranije ibi, mbere y'igihe cy'imperuka. Icyo cyamwe ari cyo ikimenyetso cya nyuma.

185 Ejobundi, jye na Leo twari twicaye kumuhanda, bamwe muri twe turaganira. Nuko nkomeza kumva ko hari impinduka ziza, impinduka zizabaho. ubwo twabiganiragaho, ntabwo bizaba impinduka muri minisiteri yanjye, kubera ko ibyo bidashobora kuba gutyo, ahubwo bizaba ari impinduka muri

njye. Nahoraga ndi umunyantege nke kandi nkareka abantu bakanyobora bakanyobora, no kunyerekeza muri *iyi* nzira no muri *iriya* nzira. Iyo nza gukora ikintu Uwiteka yambwiye gukora kera cyane, ntabwo mba ndi mubibazo ndimo uyu munsi. Nzasohoka muri iki cyumweru gitaha kugira ngo njye kuba ahanjyenyine ndi kumwe n'Imana. Yego, mugenzi. Ngo—ngomba kumva amakuru yo mw'Ijuru. Sinshaka kuba umunyantege nke, ndashaka guhagarara kubyo nemera.

186 Umugabo, Bikomeza kumugarukaho, yicaye inyuma, kuko uyu mugabo ari umwizera, muby'ukuri arizera. Nitegereje ahantu hose ku bari hano mu cyumba, ariko biranga bigaruka kuri iyu mugabo. Afite icyifuzo, araremerewe, ariko aremerewe ku bandi. Ni byo. Urimo usengera undi muntu. Wabonye undi muntu uri ku mutima wawe. Ni byo, si byo? Ni inshuti. Ninkubwira ari kibazo ki iyi nshuti ifite, mbese uraza kwemera ko ndi umugaragu w'Imana? Ni inzoga. Ni byo. Niba ari byo, zamura ukuboko kwawe.

187 Urizera? Umuntu uri hano yazamuye ikiganza, umugore uri hano inyuma, umuntu runaka. Yego. Yego. Ntabwo unzi? Mwese ntabwo tuziranye? Ntabwo nkuzi, ariko Imana irakuzi. Mbese urabyizera? Niba Imana impishuriye ibiri ku mutima wawe, uraza kunyemera ko ndi umugaragu Wayo? Mukecuru muto, ikiguhangayikishijwe ni uriya mwana uri hariya. Ni byo. Kandi uriya mwana afite ubushita mu maso. Muganga ntacyo ashobora kubikoraho. Uri umushyitsi hano, wowe n'umukunzi wawe wicaye hariya. Wizera ko Imana ishobora kumbwira uwo uri we cyangwa aho ukomoka? Urabyizera? Wakwemera ko umwana ashobora gukira niba We ashobora kumukiza? [Umugore ati: "Yego."—Ubwandintsi.] Ni byo, ushobora gusubira muri Somerset, Kentucky, aho waturutse, kandi wizere ko Azabikora neza, kandi wizere ko umwana azakira ubushita, niba ushobora ubyizera.

188 Igihe navuze iryo jambo, umuntu uhagaze inyuma hariya mu cyumba, aturuka Somerset, Kentucky, arimo gusenga, afite ibibazo by'umutima. Wizera ko Imana izabimukiza? Niba ubyizera n'umutima wawe wose, kandi ukizera ko Imana yagukiza kandi ukamererwa neza.

189 Hano, dore, nizera ko hari umuntu uzamuye ikiganza neza hano, hano neza, umudamu. Yego, nabonye ikiganza cyawe. Mugore, hari aho tuziranye? Sinkuzi. Ntabwo twigeze duhura. Urizera ko njyewe ndi umugaragu we? [Umugore aravuga ati: "Yego."—Ubwanditsi.] Urabyizera? Ufite umutwaro ku mutima wawe, cyangwa kintu runaka. Urizera ko Imana ishobora kubimpishurira, urizera ko Ari Umwuka umwe wari uri muri Kristo? Umugabo wawe yicaye hariya, ibyo ni byo yizera, nawe? Icyo ikintu wakizera? Byerekeranye n'umukobwa wawe muto wicaye iruhande rwawe. Ni byo, arwaye kanseri. Ariko wizera

ko Imana izamukiza? Niba ubyizera, zamura ibiganzaa byawe. Byose, rambura ikiganza cyawe ku mwana.

190 Mwami Yesu, Imbere y'Umwuka Wawe, ndamagana satani yica umwana. Nshyize, ku bwo kwizera, Amaraso ya Yesu Kristo hagati y'uwo mwicanyi n'umwana. Reka bibeho. Amina.

191 Mwizere Imana. Ntimushidikanye. "Niba mushobora kwizera, ibintu byose birashoboka." Niba mushobora kwizera, ibintu byose birashoboka. Ni byo.

192 Undi muntu hariya inyuma yazamuye ikiganza, hariya, wowe, umudamu hariya hahera. Wizera ko ndi umugaragu w'Imana? Sinkuzi, Nawe ntunzi. Wizera ko Imana ishobora kunyereka ikibazo cyawe? Wakwemera ko Yesu akubera Umuvuzi cyangwa Ukwitaho, ibyo ari byo byose—ibyo ari byo byose . . .? Urabyizera noneho? Ni byiza, noneho ufite umutsi wacitse, ni cyo kibazo wagize. Niba ari byo, hagarara ku birenge byawe, niba ari byo, gusa kugirango abantu babone ko ari ukuri. Byose ni byo, urabikira nonaha. Jya mu rugo kandi umererwe neza. Imana iguhe umugisha.

Nawe, ukomoka muri Kentucky. Yego-yego, ni byo.

193 Umutegarugori wicaye iruhande rwawe aturuka i Kentucky, nawe. Ni uwaho, nawe. Sinkuzi, sibyo? Ariko nshobora kukubwira ko hari ibitagenda neza kuri wowe. Niba nshobora kukubwira ibitagenda neza kuri wowe, emera Kristo nk'Umukiza wawe? Ikibazo kiri mu kibuno cyawe. Niba ari byo, zamura ukuboko kwawe, kuzamure hejuru kugirango abantu bakubone. Ni byiza, genda mu rugo nonaha, bizagusiga. Ukwizera kwawe kuragukijije.

Ndabatera inkunga yo kwizera. Ndagerageza kwizera kwanyu ngo gukomere.

194 Hano hicaye umudamu hano, uri gusenga, arazunguza igitambaro mumaso. Sinkuzi. Imana irakuzi. Ukomoka muri Joliet, Illinois, kandi ufite ikibyimba. Ni byo ni ukuri rwose. Ushobora kwibaza . . . (Yego, ibyo ni byo—uwo ni umugore Rosella yazanye. Ni byo. Tegereza, yambwiye ibyerekeranye n'ibyo, ariko ntabwo yigeze amenya ko ntigeze menya uyu umugore. Ni byo. Gusa bibaho kuba kwizera k'uyu mugore kwari gukomeye.) Ndaza kukubwira ikintu kimwe u—uzi ko ntabizi. Urimo gusengera uyu mwana wicaye hano kumpera y'intebe, urwaye. Ni umwana wawe. Ni byo. Amina. Urabizi ntabwo ibyo nari mbizi.

195 Arahari, Ni Umwuka Wera! Mbese Urabyizera? Urabyemera? Noneho niba ari byo, ibyo navuze "Irembo rirafunganye, kandi inzira ni nto" ni byiza. Yesu Kristo, Umwana w'Imana, ari hano hano. Umwuka w'Imana nzima iri hano. Urabyemera? Noneho, kugirango nkumenyeshe ko nta muntu n'umwe ukiza, ntabwo ndi umuvuzi, ariko Umwuka w'Imana yampisemo kugira ngo yigaragaze ubwe. Ntabwo nize.

Nta kintu na kimwe nzi. Ariko Umwuka we arabikora, urabona, kandi ashaka ko umenya ko nakubwiye Ukuri.

196 Uku ni ukuri, ko Yesu Kristo akiza buri wese muri kano kanya niba ubyizera. Noneho . . . Niba byarabaye muri Kingston, abamisiyoneri, cyangwa uwo ari we wese wagarutse hariya, yabonye ibyo yakoreye i Kingston, ibihumbi n'ibihumbi bakira, kubera iki bitakorerwa hano muri iyi Amerika aho turi nk'uko bihagaze ubu? Kuki tudashobora kubyizera? Ni ukuberako tudashobora kurenza iyo ntwaro nto aho ngaho. Murabyemera? Muzamure amaboko yawe.

197 Noneho, ayo maboko amwe, urambike k'umuntu uri iruhande rwawe, reka musengere mpereye hano, kandi ntugashidikanye ukundi mu mutima wawe, ibi bizarangira.

198 Yoo, mwene Data Neville! mbega nk'uko nabyifuje, nk'uko nasenze, nk'uko njye . . . Ushobora gutekereza ko nataye umutwe; Ntabwo nawutaye. Nzi neza aho ndi. Iyaba nashoboraga kukugezaho akantu gato! Wari gutahura ko Yesu Kristo, Umwana w'Imana, hano hagati y'abantu muri iki gitondo, ubu ngubu, ubu nonaha, ari kwiyerekana Ubwe?

Uravuga uti: "Mwene Data Branham, ibyo *wowe* wabivuze."

199 Nabivuze nte? Sinkuzi. Hariho undi mugore urwaye igituntu. Urakize, mushiki wawe. Habwa umugisha. Ndagusaba imbabazi, wari urimo gusengera umugore urwaye igituntu, kuberako ari umugore ufite imvi. Yego. Ni byiza, ubyizere. Ni byiza. Ari hano. Ni ukugaragara Kwe hano.

200 Noneho, dore ibyo yavuze: "Ibi bimenyetso bizakurikira abizera. Nibarambika ibiganza ku barwayi, bazakira." Ni gute ashobora kubeshya? Reba, ntabwo ari kuri We, ntabwo ari njye, ubu biri kuri wowe. Noneho urizeye.

201 Ndabona umugore muto muto wicaye hariya nonaha, afite kwizera kwinshi. We n'umugabo we bahindukiriye Imana vuba. Yicaye neza neza muri aya materaniro, habuze gato acika muganga wari ugiye kumubaga mbere gato, kandi umwana we yaratwite yarimo yitegura kuvuka. Muganga yari agiye kumubaga hanyuma, ariko umwana yavutse ntibashobora kubona uburwayi bwo kuzana amagara ukundi. Byose byarashize. Murareba? Kubera iki? Yari yiyicariye gusa nka kuriya . . . Ntabwo yigeze agera hano ku gicaniro nk'uko. Yagarutse aho ngaho arabyizera. Ni byo, Mme. Green, ndizera ko ari byo, tubigarutseho? Ni byo. Reba ukuboko kwe? Muganga ntashobora no kubona no kubyimbirwa, byose byarashize. Kubera iki? Yarabyizeye, arasohoka maze aravuga ati: "Ni byo!"

202 Noneho ukore nka byo, kandi imibabaro yose ufite igomba gushira. Mana, Ninde ushobora—Ninde ushobora kohereza Ikintu mu mubiri w'umuntu, kuri iyo baringa y'aho iyo nzoka yarumye yari mu kirenge cy'uwo mugabo, yamushyizemo

ubumara, kugirango imwice, kandi ushobora kuyihagarika ukayicira aho ngaho, ni kangahe We ashobora kwica indwara mu mubiri wawe. Kuberako, uriya mugabo yari mu bibazo kandi yagombaga guhabwa ubufasha. Namwe mugomba kubikora. Niba utamufite, urapfa.

203 Noneho mukomeze mufatane mu maboko umwe ku wundi. Ntiwisengere wenyine, usengere umuntu uri iruhande rwawe. Ni byo bikwiye abakristo.

204 Wige ibi, wige ibi, ko, nkuko ukorera abandi, abe ari ko ukorera Kristo. Iyo uri mwiza ku bandi, uba uri mwiza kuri Kristo. Iyo ufashe nabi undi muntu, uba ufashe nabi Kristo. Yooo, Mana yanjye!

205 Yoo, iyaba nashoboraga kubona ibi kugirango birangire, iyaba nashoboraga kureka abantu bakabibona, ibyo ndeba n'ibyo numva, ni byo nzi ko bigenda, murareba. Ukuntu Kristo aduhatira inyuma y'Ubu butumwa muri iki gitondo, kumanuka neza akagera mu mitima y'abantu hanyuma akaremamo ikintu runaka; kitari ibyiyumvo, ntabwo ari amarangamutima (bizana na yo), ariko kurema yo ukwizera kudashira aho kutazavuga ngo, guhaye umwanzi urwaho.

206 Noneho, Azumva isengesho ryanjye, yumve n'iryawe. Ni musengerane nonaha, mugihe ngiye kubasengera mwese.

207 Mwami, iki gihe kirakomeye, tumenye ko ibi bigiye gusobanura itandukaniro ry'urupfu n'ubugingo, kuri benshi. Kandi mpinda umushyitsi imbere Yawe, kuko nzi, Mwami Mana, ko ngomba gusenga n'umutima wanjye wose. Ndabona ko n'ubwo ibwo hataza kubaho abarwayi hagati yacu mugihe cy'iminota itanu, ko abantu bose hano baza kumenya ko Uri hano. Hano aho bahagaze muri iki gitondo, Mwami. Nibareke abantu bazamure amaboko barabizi ko ntabazi, kandi ko ntacyo nzi cyerekeye kuri bo. Ariko Umwuka wawe arabazi. Uzi ibanga riri mu mitima yabo, mbega ukuntu uzi imibabaro yabo n'ububabare bwabo! Noneho, Mwami, reka bibe uyu munsi, bibe nonaha Umwuka wawe aze akore ku mibiri yabo irwaye. Bikore, Mwami. Barimo basengerana umwe ku wundi.

208 Kandi ndasenze, Mana nziza, kugira ngo Umwuka Wera abe impamo kuri bo, ku buryo batazongera guta ukwizera. Hariho ubundi burwayi, Mwami, buruta kure cyane iyi ndwara y'umubiri, ni indwara yo mu Mwuka. Reka umutima wose ukingurwe.

209 Mwami, bishoboka bite ko kuba warahagaze iruhande rwa Aburahamu, maze ugakora ikintu kimwe, uvugana na Sara wari "inyuma" Yawe, Ibyanditswe biravuga ngo, "ari mu ihema araseka," Uvugana na we. Maze Aburahamu amenya ko uwo yari Elohimu, Imana ikomeye. Mu minota mike Wari ugiye atakikubona n'amaso ye.

210 Kandi, Mwami, igihe Yesu yahagararaga agakora ikintu nk'icyo, maze akavuga ati: "Mwise Aburahamu 'sogokuru wanyu,' kandi nyamara mukavuga ngo muzi Ibyanditswe." Ati: "Mukora amakosa, kuko mutazi Ibyanditswe cyangwa Imbaraga z'Imana." kandi bamwise "Belizebuli."

211 Ariko Wasezeranije ko mu minsi yanyuma ko uzongera gusuka Umwuka wawe. Umuhanuzi yaravuze ati: "Mu gihe cyo Ku mugoroba urumuri ruzagaragara." Kandi hano tugeze ku mugoroba.

212 Ubwo iyi si ishonga ihenengera mu cyaha, nkumusinzi utaha iwe adandabirana mu ijoro, vuba aha izakubitirwa hagati, nta n'ubwo hazasigara n'umukungugu w'ibirunga, izagusha, ishyano. Kandi turabona ko igihe gisohoye.

213 Mana, dukureho gushidikanya kwose. Twimure muri iki gihirahiro nonaha. Ngwino, Mwuka Wera. Rambura amababa yawe manini, uyazengurutse kuri aba bantu bake bari hano nonaha, kandi ureke wuzuze mu itima yabo, kandi ubamenyeshe ko uri Imbere y'Imana yo mu Ijuru, ko ari Wowe ugira uti: "Ndi Uwiteka ukiza indwara zawe zose." Kandi Kubaho kwawe kugire icyo gukora mu mitima yabo kuva bakiva hano, muri iki gitondo, bahe kwizera hamwe nibijyanye na ko byose. Kandi umuntu wese urwaye ufite ububabare akire.

214 Kuberako, nk'umugaragu wawe, mpagaze kandi namagana imyuka mibi yose, namaganye uburwayi, namaganye Satani.

215 Waratsinzwe, kandi ntakindi uri cyo uretse gutontoma gusa. Kandi twiyambaje ukuboko kwawe muri iki gitondo, mw'Izina rya Yesu Kristo. Nk'umugaragu wayo, ubwiriza Ijambo rye no nkabwira abantu Ukuri, ko gukiranuka no guhuza Ijambo ry'Imana, Nguciriye urubanza wowe, Satani, mu Izina rya Yesu Kristo. Va kuri buri muntu muri aba bantu baturutse kure na hafi, kugirango bakire uburwayi. Sohoka uze muri iki cyumba uve no muri aba bantu. Ndaguhinyuje imbere y'Imana nzima. Bibiliya iravuga iti: "Amasengesho yingirakamaro, ashishikaye y'umuntu ukiranuka azagira akamaro kanini." Kandi abagabo benshi b'intungane barambitse ibiganza ku barwayi, muri iki gitondo hano. Yewe, Satani, urashaka kubatera gutekereza ko ari njye, kugira ngo ukuremo icyubahiro muri bo. Ariko ni ukwizera kwabo ku Mana, na bo, bizera Imana! Kandi ugomba kwimuka ukagenda, kubwo kwizera kwabo. Noneho fata urugendo rwawe ujye kure, hanyuma ujye mu mwijima w'icuraburindi aho wagenewe. Nguciriye urubanza, mw'izina rya Yesu Kristo, kububasha bwa Bibiliya y'Imana, n'inshingano zanjye nahawe na Malayika. Noneho genda, mw'izina rya Yesu Kristo, barekure babohoke. Amina.

216 Mbese urizeye, n'umitima wawe wose, ko mwakize? Zamura ukuboko kwawe, uvuge uti: "Ubu nemeye Yesu Kristo nk'umukiza wanjye. Igicucu cyose cyamvuyeho. Ubu

ndamwemera mu buryo bwuzuye bw'imbaraga ze, mu migisha yo Kubaho kwe. Ndamwemera."

Ukwizera kwanjye kumuhanze amaso,
Wowe Ntama y'i Kaluvari,
Mukiza wo mu Ijuru;
Umva uku gutakamba kwanjye iyo nsenga,
Kuraho ibyaha byanjye byose,
Kandi ntundeke na rimwe nzerera
Ngo mve iruhande Rwawe.

Noneho reka tuzamure amaboko by'ukuri neza kuri We nonaha.

Mu gihe ngendera mu rusobe w'umwijima w'ubuzima,
Kandi agahinda n'amaganya binzengurutse, birakomeza kwiyongera,
Mbera Umuyobozi (Yooo Mana!);
Umwijima usaba guhinduka umunsi,
Uhanagure intimba, ubwoba bunjye kure,
Kandi ntundeke na rimwe nzerera
Ngo njye kure Yawe.

. . . ubuntu busendereye . . .

*IREMBO RIRAFUNGANYE* KIN59-0301M
(Strait Is The Gate)
URUHEREREKANE RW'AMATORERO

Ubu butumwa bwa Mwene Data William Marrion Branham bwabwirijwe mu Cyongereza ku Cyumweru mu gitondo, tariki ya 1 Werurwe 1959, mu Rusengero rwa Branham i Jeffersonville, Indiana, muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, bwafashwe amajwi kuri bande mu mwimerere wabwo. Bwandikwa nk'uko bwabwirijwe mu Cyongereza. Ihindurwa mu Kinyarwanda ry'ubu butumwa ryakozwe kandi rinatangazwa na Voice of God Recordings.

KINYARWANDA

©2024 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

## Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org